ISHURI RITO RYA BIBILIYA

IBYAKOZWE N'INTUMWA & ABAROMA

AGATABO NIMERO YA CUMI NA KABIRI

Igice Cya Mbere

"Ibyakozwe na Kristo Wazutse"

Igitabo cy'Ibyakozwe n'Intuma ni cyo gitabo cyonyine cyahumetswe kuby'amateka y'itorero mu Isezerano Rishya. Nicyo gihuza ibitabo bine by'ubutumwa bwiza hamwe n'izandiko cumi neshatu za Pawulo. Iyo bitaba iki gitabo cy'amateka, ugatangira gusoma uhereye ku nzandiko za Pawulo, wakwibaza uti, "Iyi ntumwa Pawulo n'inde? Ko ntacyo nasomye kimwerekeyeho mu bitabo by'ubutumwa bwiza." Hari kuzabaho icyuho kinini mw'isezerano rishya iyo hataba igitabo tugiye gucukumbura.

Hari ukwiyumvira nkaho ibitabo bitanu bibanza mw'isezerano rya kera ari ibitabo byamateka. Nubwo ar'ibitabo bihumekeye bigaragaza umwirondoro n'amateka ya Yesu mu buryo bwihariye, ubwabyo nabyo n'ibitabo byamateka. Ariko igitabo cy'ibyakozwe n'Intumwa cyo gitandukanyijwe nibitabo by'ubutumwa bwiza kubera ko ari igitabo cy'amateka y'itorereo ry'isezerano rishya.

Igitabo cy'ibyakozwe n'intumwa gitangiri kigira giti: "Tewofilo we:

Muri cya gitabo cya mbere nanditse ibyo Yesu yabanje gukora no kwigisha byose, kugeza ku munsi yazamuriwe mu ijuru amaze gutegeka intumwa yatoranije, azitegekesha Umwuka Wera. (Ibyakozwe 1:1,2)

Dufatiye kur' iyi mirongo ibanza mu byakozwe n'intumwa tumenya ko umwanditsi w'icyi gitabo ari nawe wanditse ubutumwa bwiza bwa Luka, kandi ko iki gitabo cy'ibyakozwe n'Intumwa yacyandikiye umuntu nkuwo yari yarandikiye ubutumwa bwa gatatu. Tewofilo, izina rye risobanura "Umukundwa w'Imana," yari umugabo Luka yafataga nkukwiriye kwakira ibitabo bibiri by'ingenzi cyane.

Mugitabo cy'ibakozwe n'intumwa, Luka akomeza inkuru yari yaratangiye mu butumwa bwiza mu gitabo cyamwitiriwe. Luka yandika aubwira ko mu butumwa bwe, yaduhaye amateka, n'inkuru ishishoje yibyo Yesu yatangiye gukora kugeza igihe yazamuriwe. Ariko, Luka arimo aratumenyesha ko, nyuma yo kuzamurwa kwe, Yesu yakomeje, "gukora no kwigisha" binyuze mu ntumwa. Niyo mpamvu ubwanditsi bwinshi bwa Bibiliya bwita iki gitabo, "Ibyakozwe n'intumwa."

Iyo dusobanukiwe akamaro kumunsi wa Pentekote, twizera ko umutwe w'izina ry'iki gitabo wakabaye, " Ibyakozwe n'Umwuka wera binyuze mu ntumwa." Niba Petero yitirira ibimenyetso byose n'ibitanganza bya Pentekote uwazutse, Kristo muzima, nanone kandi umutwe mwiza wari kuba , "Ibyakozwe na Kristo wazutse binyuze mu ntumwa."(2: 32,33)

Witegereze ko igitabo cy'ibyakozwe n'Intumwa kitarangira - gusa kirahagarara. Bamwe mu mpuguke bizera ko ibi byatewe nuko Luka yafunzwe ntiyashobora kurangiza iki gitabo. Abandi bizerako iki gitabo kitarangira kubera ko ari amateka y'itorero, kandi njye nawe tukiri kwandika ayo mateka.

Ibyo Gushakira mu Gitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa

Kuko igitabo cy'ibyakozwe n'intumwa ari igitabo cyamateka, ugomba kucyegera nkuko wabigenjeje mu bitabo cumi na

bibiri by'amateka byo mw'isezerano rya kera. Pawulo yanditse ibi kubyerekeranye namateka yabaheburayo: "Ibyo byababereyeho kutubera akabarore, kandi byandikiwe kuduhugura twebwe abasohoreweho n'imperuka y'ibihe." (1 Abakorinto 10:11) ushake ingero n'imburo igihe uri gusoma igitabo cyibyakozwe n'intumwa.

Umugambi w'Itorero

Mugihe usoma iki gitabo cy'amateka, ushake umugambi itorero ryahawe. Igihe Yesu yari ageze kumusozo wigihe cye n'intumwa, yabahaye icyo twita "Inshingano nyamukuru" uzasanga inshingano nyamukuru kumusozo wa buri bitabo bine by'ubutumwa bwiza. Ukurikije Matayo, aya niyo yari amagambo yanyuma ya Yesu ku bigishwa be:

"Nuko Yesu arabegera avugana na bo ati "Nahawe ubutware bwose mu ijuru no mu isi. Nuko mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese n'Umwana n'Umwuka Wera, mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose. Kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi." (Matayo 28:18-20)

Igitabo cyamateka cy'isezerano rishya gitangira nkuko ubutumwa bwiza bune busoza, busozanya niyi nshingano nyamukuru. Inshingano nyamukuru ifite ngombwa cyangwa itegeko rimwe – "Muhidure abantu abigishwa." Nuko rero, hari ingingo enye zisesengura iri tegeko – Muhindure abantu abigishwa: kugenda, kubwiriza, kubatiza, no kwigisha.

Mu gitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa, ibi nibyo byabaye neza koko. Intumwa zihindura abantu abigishwa mu kugenda, babwiriza, babatiza kandi bigisha. Umugambi wahawe itorero, kuva mu ntangiriro ni Inshingano nyamukuru. Iyo inshingano n'umurongo ngenderwaho nyamukuru (umugambi wanditse) w'itorero". Nki iyindi miryango, itorero rigomba kuzuza ibigize uyu murongo ngendarwaho nyamukuru cyangwa se rigacogora ntirigire icyo rikora rwose.

Isezerano Ryahawe Itorero

Mu mirongo ibanza y'iki gitabo, turabwirwa, ko mbere yuko azamuka mw'ijuru, Yesu yahaye amategeko intumwa. Hejuru y'inshingano nyamukuru, Yesu yabategetse gutegereza.

"Ahubwo murindire ibyo Data yasezeranije, ibyo nababwiye." (Ibyakozwe 1:4,5) Yesu yari yarabasezeranyije mu cyumba cyo

hejuru ko azabohereza Umwuka Wera. Iby'ingenzi aha, arimo arabategeka ko batagomba gutera intambwe ya mbere yo kumvira Inshingano nyamukuru ye kugeza igihe isezerano risohoye."

Ibyanditswe bifite byinshi byo kuvuga kubyerekeranye no gutegereza Imana. Yesaya yabwirijeho kimwe mu bibwiriza nkunda byerekeranye no gutegereza. "Ariko abategereza Uwiteka bazasubizwamo intege nshya, bazatumbagira mu kirere bagurukishe amababa nk'ibisiga, baziruka be kunanirwa, bazagenda be gucogora.

Igihe Yesaya yabwiraga ubwoko bw'Imana gutegereza nkuko Ikizu gitegereza, yar'arimo abasangiza ukuri kw'agaciro kwerekeranye no kwizera. Hari ibihe aho ibizu bitaguruka, Iyo Ikizu kibonye umuhengeri wegereje, cyicara ku mbibi y'icyari cyacyo igihe kinini, igihe kinini, ahari amasaha, kigategereza kugeza igihe uguhuha kumuyaga kumaze gukomera no kongera umuvuduko. Nyuma yaho, gisatira metero eshanu kiva ku cyari cyacyo kigana muri wa muyaga ukomeye, kigasanza amababa yacyo atangaje, muri uwo muyaga ukomeye niho gikura imbaraga zo kureremba gikeneye kugira gitumbagire muri uwo muraba.

Uko usoma igice cyambere cy'Ibyakozwe n'Intumwa, shushanya Itorero nk'ikizu cyicaye iruhande rw'icyari cyacyo, gitegereje umuyaga w'Umwuka wera ugiye kuza kumunsi wa Pentekote. Iri gusoma igice cya Kabiri cy'iki gitabo, tekereza ikizu gisatira kiva mu cyari cyacyo, cyizeye ko umuyaga uri bugihe ingufu zo kugutumbagira hejuru yibinaziza rihura nabyo.

Imbaraga Zahawe Itorero

Igice cya Kabiri gisobanura ukuza k'Umwuka Wera ku munsi wa Pentekote. Iki ni kimwe mu bintu by'ingenzi mu mateka yubwoko bw' Imana, kuberako muburyo bworoshye, Itorero ntirishobora kuzuza umugambi waryo, keretse imabaraga z'Umwuka wera zirimanukiye. Ibi kandi nibyo ku rwego rwa buri muntu. Iyo tugerageje guhindura umuntu umwigisha wa Yesu, tuba tugerageza ibidashoboka mugihe tubikora nta mbaraga z'Umwuka Wera.

Imikorere Yatanzwe n'Itorereo

Ushobora ukwibuka ko icyo Yesu yashimangiranga mu nyigisho zo kumusozi ntibyari iby'amagambo gusa ahubwo byari imikorere (Matayo 5-7). Nk'uko Yesu agira, icy'ingenzi

ntabwo ari icyo tuvuga, ahubwo icyo dukora. Yashimangiye iyo ndanga gaciro igihe yigishaga Intumwa. Ntitugomba gutungurwa no gusoma ko Isi yicyinyejana cya mbere yatangajwe n'imikorere y'Itorero. Hari ibintu byinshi ugomba kwitegereza kubyerekeye imikorere y'Itorero. Icyambere, Itegereze imibwiririze y'Intumwa. Hari ukubwiriza kwinshi kwanditswe muri iki gitabo cyamateka, kandi uko kubwiriza gukomeye gutangira ku munsi wa Pentekote. Umusaruro ukomeye w'ingenzi wa Pentekote wari uguhindurwa kw'abantu ibihumbi bitatu abigishwa binyuze mu kubwiriza kwa Petero, kandi ibihumbi byarahindurwaga igihe cyose Petero yabwirizaga uhereye ku munsi wa Pentekote.

Ukubwiriza kw'Intumwa mu gitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa n'ukubwiriza gusize. Kuvuga ibi ndasobanura ko Umwuka Wera yabahangagaho uko babwirizaga. Ibi byitwa "Gusigwa" muri Bibiliya, bisobanura amavuta ashoboresha y'Umwuka Wera hejuru y'umuntu ubwiriza cyangwa ukorerq mu mpano iy'ariyo yose muzamenyekanye nk'Impano z'Umwuka.

Ushishoze witegereze ubutumwa bwa Petero bwanditswe mu gitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa. Ntakintu kigaragara nk'ikidasanzwe kuri bwo. None kuki ibihumbi byahinduwe igihe cyose Petero yabwirizaga? Habagaho umusaruro ndengakamere kuberako Petero yarafite ugushobozwa no Gusigwa k'Umwuka Wera igihe yabwirizaga. Abigishwa ba Yesu bashinjwaga kuzurisha Yerusalemu inyigisho zabo (5:28). Ese twari twashinjwa bene ibyo twe abakurikira Yesu uyu munsi, ese hagaragara ibimenyetso bidushinja bihagije tubaye abo kushinjwa?

None, Itorero ni Iki?

Uko usoma igitabo cy' Ibyakozwe, itondere kuba uhujwe nibura nabantu mirongo itanu mur'iki gitabo cy'Itorero ry'isezerano rishya. Ijambo "Itorero" ni ijambo ry'Ikigiriki "ecclesia" bisobanura "ihuriro" cyangwa "abahamagawe". Iri Jambo risobanura, "Ihuriro ry'abantu bahamagawe kuva mw'isi bagakurikira uwazutse, Kristo, muzima, no kugirana ubusabane hagati yabo nawe ndetse no hagati yabo ubwabo. Mu buryo butavangiye ijambo, "Itorero" bivuze "Abantu".

Uko usoma igitabo cy'Ibyakozwe ukakirangiza kunshuro ya mbere, gerageze wisanishe nibura nabantu mirongo itanu wongeye kuri Petero na Pawulo. Igitabo cy'Ibyakozwe ni amateka yabantu basanzwe bakora ibintu bidasanzwe kubera basizwe kandi bujujwe Umwuka wera. Iyo Mana hamwe na

zambaraga zirahari kuri wowe nanjye kudushoboza umurimo we uyu munsi(Matayo 28:18-20)

Iyo ukoreye Imana uyu munsi, ese waba uza mbere yuko usubirayo?Ese ujya utegereza mukubaho kwe imbaraga zishoboresha no gusigwa k'Umwuka Wera kukuzaho, cyangwa urigendera ugashaka gukora umurimo we mumbaraga zawe? Bumwe mubutumwa bw'Igitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa ni, ahatari ubufasha bw'Imana ntitwashobora gusohoza umurimo w'Imana. Tugomba rero gutegereza Imbaraga z'Umwuka Wera mbere yo kugerageza gukora Umurimo wa Kristo Muzima, wazutse.

Igice cya Kabiri

"Ibimenyetso Bigaragara Bigize Intoki z'Itorero Ritagaragara"

Igice cya Kabiri gitangira gisobanura umunsi wa Pentekote, wari umunsi wo kuvuka kw'Itorero (Ibyakozwe 2:1-18). Uko dusoma igice cyakabiri cy'Ibyakozwe, ni ibyingenzi ko tumenya yuko umunsi wa Pentekote ubusanzwe wari umunsi wikiruhuko cy'Abayuda. Wari umunsi wabo wo kwizihiza umuganura, umunsi "wo gutanga amashimwe" igihe ubwoko bw' Abayuda bwashimiraga Imana kubwo kubahagisha isarura. Hari icyemetso gikomeye cyangwa se ubusobanuro bw'ingenzi hano, kuberako hari hagiye kubaho Isarura rikomeye ryo mu mwuka kur'uwo munsi. Kur' uwo munsi wa Pentekote, Kristo wazutse yatangiye kubaka Itorero, ryagombaga kuvuga ubutumwa kw' Isi hose kubwe ndetse nawe.

Ibi rero byarashobokaga kuberako Umwuka Wera yamanutse mu mbaraga zikomeye kur' uwo munsi. Hari ibimenyetso n'Ibitangaza byaherekeje ukuza k'Umwuka Wera. Habaye umuriri uvuye mu Ijuru umeze nk'uw'umuyaga uhuha cyane, Ukwira inzu bari bicayemo. Haboneka indimi zigabanije zisa n'umuriro, ururimi rujya ku muntu wese wo muri bo bari barimo "Guhanura". Nuko abo bantu batangira kuvuga izindi ndimi.

Ikibazo nigisubizo cyacyo bidufasha gutumbera kubusobanuro byiki gikorwa. Ikibazo cyari: Ibi bivuze iki? Petero asuburisha ikibazo nikibwiriza: "Ibyo mureba ibi byavuzwe n'umuhanuzi Yoweli ngo". Yoweli yari yarahanuye ko mu minsi yimperuka, Imana izasuka umwuka wayo hejuru yabahungu nabakobwa be kandi ko bazahanura (Yoweli 3:1-2).

Kuri Pantekote, ubutumwa bwaje inyuze mu gitanganza cy'izi ndimi cyiswe "Ubuhanuzi" cyangwa se ubutumwa buturutse ku Imana bwerekeje mu matwi y'ubwoko bwe.

Pawulo yanditse kubyerekeye igitangaza yise "*Impano y'indimi"*. Aha yerekana yeruye ko impano y'indimi yavugaga yari itandukanye n'iy'indimi zavuzwe ku munsi wa Pentekote. Arandika ati, "*Uvuga ururimi rutamenyekana si abantu abwira keretse Imana, kuko ari ntawumva ahubwo mu mwuka avuga amayoberane.*" (1 Abakorinto 14:2)

Iyo uwizera ari gukoresha impano yindimi ubutumwa ntabwo buba bwerekereye amatwi y'abagabo n'abagore. Aba avugana n'Imana. Ntabwo aba avugana nabantu, ariko indimi dusoma zo kumunsi wa Pentekote zatangazaga ubuhanuzi, ubutumwa byerekeye abantu buturutse ku Imana . Izo ndimi zari kimwe mu bimenyetso n'ibitangaza byinshi byahereje ukuza k'Umwuka Wera ku munsi wa Pentekote.

Handitswe Pentekote irenze imwe mu gitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa. Iyambere, yari Pentekote I Yerusalemu. Nanone igihe Intumwa zagiye muri Samariya, niyindi nshuro ighe bambukaga bakajya mu Isi itari iy'Abayuda, bagiraga Pentekote. Witegereze urabona ko igihe cyose habagaho Pentekote, byabaga iteka bifitanye isano n'umugambi itorero ryahawe mu inshingano nyamukuru yaryo: "*Icyakora muzahabwa Imbaraga Umwuka Wera nabamanukira, Kandi muzaba abagabo bo kumpamya i <u>Yerusalemu</u> n'<u>Iyudaya</u> yose n'<u>Isamariya</u>, no <u>kugeza ku mpera y'Isi."</u>*

Ibimenyetso by' Imirimo y'Intoki.

Hari ukundi kwitegereza ugomba gukora uko usoma igitabo cy'Ibyakozwe. Itegereze ibintu bisa byagiye bigaragara mw'Itorero ryikinyejana cya mbere. Icyambere, itegereze imiterere y'Itorero ubwaryo. Iyi mitere ushobora kuyita "Ibimenyteso by'intoki by'itorero rigaragara". Abanyatewologiya bavuga ku itorero rigaragara n'iritagaragara, cyangwa se Itorero rusange hamwe nitorero ryigaragaza kurwego rw'ibanze. Ubusabane bw'abizera nawe urimo, aho utuye, niryo torero ryo ku rwego rwibanze, ukugaragaza kweruye kwikitaboneka, Ari ryo torero rusange Kristo wazutse arimo kubaka mu isi.

Ni gute tumenya ko itorero ryacu ry'aho dutuye ari ikimenyetso kigaragaza itorero ritaneshwa, itorero ritagaragara? Nkuko ibimenyesho by'ibimirimo by'Intoki zacu bishobora kwerekana aho twahoze, nicyo twakozeho, Itorerero

naryo ryakwerekanwa n' Imirimo y'ibimenyetso by'Intoke zaryo. Shakisha ibi bimenyetso by'Imirimo yintoki uko wiga itorero ry'Ikinyejana cya mbere. Itorero ryo mugitabo cy'Ibyakozwe ryari rifite "Ibimenyetso by'Imirimo yintoki" – ukugaragara gufatika kw'Itorero rusange, ry'ukuri, ritaneshwa.

Ivugabutumwa niryo ryari "ikimenytso cy'igikumwe" cy'Itorero ryavutse kumunsi wa Pentekote. Intuma zari zarasobanukiwe ko zigomba kusanga abantu nkaba misiyoneri ndetse nk'abavugabutumwa. Abantu ibihumbi bitatu barahinduwe ku munsi wa Pentekote wonyine, ibindi bihumbi bihindurwa nyuma, igihe intumwa nabandi babwirije ubutumwa.

Kwigisha kwari urutoki rw'Itorero rukurikira igikumwe. Twasomye yuko abahinduwe bahoraga bashishikariye ibyo intumwa zigishaga, bagasangira ibyabo, no kumanyagura umutsima no gusenga. (Ibyakozwe 2:42)

Urutoki rw'Itorerero "rwo hagati" rugaragara rwari Ubusabane. Intumwa zemeraga ko zigomba gusabana nabantu zigishaga. Ijambo ry'ubusabane mu kigiriki ni "Koinonia". Iri jambo risobanuye kuba mu bufutanye bushingiye ku gihango cyo kwitanga. Igihango no kwitanga by'abizera bo hambere byari mbere na mbere byerekeje kuri Kristo, muzima, wazutse, nyuma yaho bikaba hagati yabo ubwabo.

Ese intumwa zakuyehe igitekerezo cyuko abigishwa bagomba gusabana nabo bigisha? Ushobora kwibuka ibyo twize mu gitabo cy'ubutumwa bwiza bwa Yohana ko bamwe muri bo bahuye na Yesu, bakamubaza aho yari atuye (Yohana 1:37-39). Yesu yabasubirishaga ubutumire bwo kuza kureba aho atuye. Dusoma yuko baje kureba aho yar'atuye, babana nawe, babayeho ndetse baranamupfira kubera ibyo biboneye igihe biyemezaga kuza kureba aho atuye nuburyo abayeho. Babanye nawe Imyaka itatu. Iyo niyo mpamvu tutagomba gutungurwa nubusabane budasanzwe bwari hagati yabahinduraga hamwe nabahinduwe ku munsi wa Pentekote.

"Urutoki rw'Impeta" rwari Ukuramya. Dusoma yuko abahinduwe bashishikariraga "Kumanyagura umutsima" hamwe n'Intumwa (Ibyakozwe 2:42). Ibyo byari bivuze ameza rusange. Igihe yesu yatangizaga icyo twita "ameza y'umwami", akanababwiriza kuzajya bayajyaho kugeza igihe azagarukira (1 Abakorinto 11:26), Yari arimo aha Intumwa

amabwiriza ye bwite yuko yashakaga itorero riramya (Luka 22:14-19). Nuko rero igihe abigishwa bambere bahuraga, baramyaga Imana bubahiriza ameza y'Umwami.

Twasomye yuko bashishikariraga gusenga hamwe n'Intumwa, ugusenga nirwo rutoki rw'itorero rugaragara "rwagahera". Kuko tudashobora gukora umurimo wa Kristo wazutse keretse tugumye muri we, tugomba gukomeza gusenga no kuvoma Imbaraga mu muzabibu w'Umwuka wa Kristo wazutse, Muzima (Yohana 15:1-16). Yesu yari yarigishije Intumwa iteka ko, hamwe no kwihangana, gusaba, gushaka, no gukomanga kuberako, buri wese ubikora azakira, azabona, n'imiryango izamukingurirwa, kandi Imana Data izabaha Umwuka Wera (Luka 11:9-13, Matayo 7:7-11).

"Ari He"

Isezerano rishya ritangira abagabo bababaza ikibazo, "Ari he?" (Matayo 2:2) Yesu yatubwiye ko agiye kubaka Itorero kandi Imbaraga zikuzimu ntizizashobora kumubuza kuryubaka (Matayo 16:18). Intuma Yohana yanditse ihushirirwa ndengakamere ryerekeye Kristo Muzima, Wazutse, agengandagenda mu matorero ye (Ibyahishuwe 1:13-2:1). Iryo hishurirwa risubiza ikibazo cy'abagabo babanyabwenge: Yesu ari "Hagati" yamatorero ye. Aho niho ari kandi icyo nicyo ari gukora kugeza nubu. Yatangiye uwo murimo wigitangaza mugitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa kandi aracyawukora n'uyu munsi.

Nigute tumenya ibipimo by'ubuzima cyangwa se ni gute dupima ibimenyetso ngirakamaro byamatorero yacu uyu munsi? Mbere na mbere tugomba gushaka ibimenyetso ibigaragara by'intoki. Nitubona ibimenyetso byimirimo yintoki mu matorero yacu, kugipimo cya rimwe kugeza ku icumi, tugomba kugira umubare duha buri mirimo ifitanye isano n'ivugabutumwa, kwigisha, Ubusabane, Kuramya, no gusenga noneho turebe uko itorero ryacu rigereranywa nitorero ry' Ikinyejana cyambere tubona mugitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa.

Nyuma yibyo nibwo tuzabona uburyo bwo gupima urugero twavuga niba Itorero ryacu ari ikimenyetso kigaragaza Itorero rya Kristo Muzima, wazutse arimo kubaka muri iyi Isi ya none.

Igice cya Gatatu

"Imitere Igaragara Igize Itorero Ritagaragara"

Nko muri ako kanya, Itorero ry'Isezerano rishya ryahuye nibiteye ubwoba ndetse nibihinyuza. Nkuko tureba uko abayobozi b'Itorero bitwaye muribyo bibazo - ukurenganywa ko hanze nibibazo by'Imbere – Imiterere runaka itangira kugaragara. Iyo miterere ni imwe mu ingero n'imburo Pawulo yatubwiye ko bigamije kuduhugura no kutuburira uyu munsi igihe dusomye amateka ya Bibiliya (1 Abakorinto 10:11).

Urugero, Imiterere ijyanye no gutanga yashyizweho kare cyane mu mateka y'Itorero. Dusoma yuko abari bafite imitungo yabo bayigurishaga bakazana ibiguzi by'ibyo bagurishije ku Intumwa kugira ngo hakorwe isaranganya rigendeye ku gukena kw' Abizera. batangaga ibirenze kimwe mu icumi cyangwa ituro, cyangwa nigitambo; batangaga byose bari bafite.

Tubona imiterere ijyanye no kutumvira ubuyobozi, iyi miterere iteye amatsiko. Yesu yaravuze, "Nuko rero ibya Kayisali mubihe kayisali, Iby'Imana mubihe Imana."(Matayo 22:21) Imana ntizasaba ibya Kayisali, Ariko hari ibihe aho Kayisali asaba iby'Imana. Igihe Kayisali asabye iby'Imana, uru rugero rw'Isezerano rishya rw'Inyigisho ya Yesus ritubwira kutemerera Kayisli iby'Imana.

Intumwa zari zarategetswe na Yesu kubwiriza no kwigisha izina nubutumwa bwa Yesu Kristo. Ariko ubuyobozi bw'Igihugu nubw'Idini bwabategetse kutazigera ukundi kuvuga izina rya Yesu (Ibyakozwe 4:18). Inshuro ya mbere ibi byabaye, Intumwa zasubije aba bayobozi, nkabagabo basanzwe ntibari badafite ubushobozi bwo guhitamo kumvira Imana cyangwa Abategetsi. Nyuma yaho bagira iteraniro ryo gusenga. Ikindi gihe abayobozi bababujije kubwiriza izina nubutumwa bwiza bwa Kristo, ako kanya barabasubije," Ibikwiriye ni ukumvira Imana kuruta abantu." (Ibyakozwe 5:19) Urwo ni urugero rwo kutumvira ubutegetsi.

Hari ibihe byo kuba abanyakuri ku mihamagaro yabo, abakurikira yesu bagomba guhura ningaruka zo kubaha Imana na Kristo, kuruta kubaha abantu. Abizera barimo barahura nizi ngorane mu isi kumara ibinyejana kugeza uyu munsi. Uhereye mu 1940 kugeza kumusozo w'intambara y'isi, kurusha indi myaka mu mateka y'Itorer, abigishwa benshi bamaze gupfa kubwo kwizera kwabo.

Tubona n'imiterere ijyanye nimyatwarire yitorero igaragara. Hariho umugabo numugore bitwaga Ananiya na Safira bagurishije umurima wabo. Babeshye Intumwa ibyerekeye

ikiguzi bagurishije ibyabo. Muri iyi nkuru, Petero yerekanye ukurondora gutangaje. Yarababajije, “Ni iki gitumye wigira inama yo gukora utyo? Si abantu ubeshye, ahubwo Imana niyo ubeshye.”(Ibyakozwe 5:3,4) Igihe bagaragarijwe icyaha cyabo bonyine , bombi Ananiya na Safira baraguye barapfa!

Iki gihano gishaririye cy’Itorero cyarindiye Itorero mukubonera, gushyira ubwoba bwera bw’Imana mu bigishwa. Abantu bo mw’Isi yicyo gihe bamenyako bisaba ugushishoza kudakinishwa mbere yuko umuntu aba umwigisha wa Kristo no kuba umwene torero (Ibyakozwe 5:11-13).

Mu byakozwe n’Intumwa igice cya gatandatu hagaragara imikorere igomba kwifashishwa igihe itorero ryagutse. Itorero ryagukaga vuba, aho abantu benshi babaga hamwe mu matsinda bakoze. Iyo abantu ibihumbi babana hamwe bakenera kugaburirwa inshuro nyinshi kumunsi, ugabura agomba kuba afite uburyo bwubakitse bwo kubagaburira (Ibyakozwe 6:1). Intumwa zisanze zitwarwa no gucunga ubu buryo bw’imigaburire, ibyo ndetse byari bitangiye kubakura mu murimo w’ Ijambo ry’Imana. Nuko, Intumwa zahamagaje Inama yabantu benshi maze barababwira bati: “Ntibikwiriye ko turekera kwigisha ijambo ry’Imana kwicara ku meza tugabura. Nuko rero bene Data, mutoranye muri mwe abantu barindwi bashimwa, buzuye Umwuka Wera n’ubwenge, tubashyire kuri uwo murimo. Ariko twebweho tuzakomeza gusenga no kugabura ijambo ry’ Imana.”(6:2-4)

Ibyo birangiye, bahaye imirimo abo batoranijwe kugomeza uyu murimo, intumwa ziyegurira byuzuye mu gusenga no murimo w’Ijambo ry’Imana. Uwo mwanzura wahawe umugisha n’Imana kandi ugira umusaruro wo kwamamaza ubutumwa mu mujyi w’Iyerusalemu. Iyi niyo nkomoka wicyo amatorero menshi yita Abadiyakoni uyu munsi. Byari inshingano zabadiyakoni batoranijwe kumenya imirimo yo kwita ku itorero kugirango abantu bafite Impano za gishumba nabo biyegurire nta nkomyi kumurimo wubushumba.

Iki gikorwa cyatangijwe n’itorero muri uwo mwanya gishiraho ihame ryerekana ko hari uwanya wa buri mwigishwa mu mubiri wa Kristo. Abantu bose bafite ugushoozwa gusizwe k’Umwuka wera bagira impano zumwuka. Zimwe muri izi mpano harimo izo gushumba naho izindi ni impano zimirimo y’umwuka ifatika

Izi mpano zifatika, izo isezerano rishya isobanura nk’Impano “zifasha, cyangwa “ zo kuyobora” nazo nimpano zumwuka

nk’izindi mpano nko kubwiriza, kwisgisha cyangwa kuvuga ubutumwa. Ariko, buri mwigishwa agomba guhagarara mu mwanya we agakoresha impano yahawe. Itorero ryakira kandi rigakoresha iyi miterere rizahabwa umugisha ndetse rizakura.

Ese waba waravumbuye imitere y’ Impano zawe z’Umwuka? Niba ibyo warabikozw, itange wese kumurimo Impano ziguhesha gukorera umwami. Hato na hato Iyi miterere igaragaramo abigishwa bagaragaje ubwizerwa mu mpano zifatika, nyuma yahoo bakambuka mu murimo wubushumba. Sitefano watotejwe na Filipo umuvugabutumwa ni ingero ziyi miterere yo kwambuka aho batangiye ari abadiyakoni babizerwa nyuma bahinduka abavugabutumwa.

Iyindi miterere igaragara mu gitabo cy’Ibyakozwe ni itotezwa. Amwe mu magambo y’umunyamateka wamenyekanye ni “Amaraso yabatotejwe ni imbuto itera itorero gukura.” Sitefano atanze ubuzima bwe kubwubutumwa (7:54-60). Igihe yapfuye azira kwizera kwe, umugabo witwa Sawuli w’I Taruso wari utwaje imyitero abateraga sitefano amabuye. Uguhindurwa kuyu mugabo Sawuli gushobora kuba kwarakuye uruhare mu itoteza rya Sitefano. Ubu nibwo busobanuro bw’ Imvugo yavuzwe haruguru yerekeranye no kwiyengera kwamaraso yabarenganywa mu itorero.

Indi miterere yumvikana kandi myiza mu Itorero ni ugukira. Luka yashimangiye cyane kugukira mu mateka y’Itorero nkuko yabigenjeje mubutumwa bwiza. Dukurikije Luka, Kristo muzima wazutse arimo arakora biciye mu ntumwa gukomeza umurimo wo gukiza.

Petero na Yohana bahuye n’umugabo wicaye ku muryango w’urusengero. Yari umugabo w’imyaka mirongo ine w’ubumuga mu ngingo. Ubuzima bwe bwose, hari umuntu wamuteruraga akamujyana ku muryango w’urusengero gusabiriza ibyamufasha. Igihe Petero na Yohana bajyaga murrusengero, uwo mugabo yari aho nagakombe ke. Petero aravuga. “*Ifeza n’Izahabu nta byo mfite, ahubwo icyo mfite ndikiguha. Mu izina ry Yesu Kristo w’i Nazareti, haguruka ugende*.”(3:6)

Dusoma y’uko umugambo atahagurutse gusa ngo agende. Yinjiye murusengero agenda, asimbuka kandi ahimbaza Imana! Umuyobozi w’Itorero ry’umuturirwa kandi w’umwibone aherutse kwitegereza avuga ko ubu itorero ritakongera kuvuga ko “ Ifeza nizahabu ntabyo mfite.”

Umukozi w'Imana uciye bugufi yarasubije ati, " Ariko kandi itorero ry'uyu munsi ntiryavuga ngo, '*Mwizina rya Yesu Kristo winazareti, haguruka ugende*!'''

Uku gukiza, kumeze nkugukiza Yesu yakijije umugabo wari kukidendenzi i Betesida (Yohana 5), kwahaye Intumwa amahirwe akomeye yo kubwiriza ubutumwa. Abayobozi bamadini baratunguwe igihe babonye abo barobyi batize babwiriza ubutumwa bwiza murusengero. Nubwo bafunze Intumwa bakanazibuza kubwiriza Ubutumwa bwiza, ikintu kimwe batashoboraga guhakana nicyagaragaraga ko Intumwa zari zakoze igitangaza cyo gukiza kukuri.

Ku muzi wuyu murimo wo ukiza hari ikindi kintu kirenze cy'ibanze. Nukubaho gushimishije kw'Umwuka wera mu Itorero ry'Isezerano rishya. Itegereze iyi mikorere mw'Itorero ryikinyejana cya mbere: Ni Kubw' Imbaranga itorero ryahawe zigaragaza imirimo ryahawe bituma Isi idashobora kuyihakana.

Imiterere y'Itotezwa

Sitefano wari waratorewe kuba umwe mubadiyakoni bambere, yarambutse kuva kumirimo ifatika ajya muyabashumba nyuma aba umubwiriza ukomeye. Igihe yabwirizaga ubutumwa bwe butangaje imbere y'inteko nyobozi, inteko yidini ryabayuda, Sitefano we nkibimenyerewe yigishaga mu mbaraga z'Umwuka wera. Kubwiriza ntabwo birebana gusa no kwiga byimbitse no kuba intyoza. Kubwiriza ni impano yumwuka, Iyo idakoreshejwe no gusigwa kumwuka wera, ntibiba bikiri kwa kubwiriza gusizwe tubona kugaragazwa muri iki gitabo.

Mu nyigisho ye, Sitefano atanga imbonerahamwe y'ibitabo mirongo itatu n'icyenda byo mwisezerano rya kera. Yerekana ukumenya kwibyanditswe kutashidikanwa. Atangirana na Aburahamu; agaragaza Isaka, Yakobo, yerekana imirimo ya Yozefu, Mose, Yosuwa, Dawidi na Salomo. Anagaragaza ubuzima bwamateka yabaheburayo kugeza igihe cyububata muri Babiloni.

Intego yinyigisho ya Sitefano ntabwo yari ivugabutumwa, nubwo ari ubutumwa bwumusaruro, nkuko tuza kubireba. Impamvu yubutumwa bwa Sitefano yari ukubwira abayobozi bamadini ko bataye Ubuntu, urukundo, nagakiza k'Imana. Bataye ikintu cyose cyiza Imana yagerageje kubakorera. Uburebure bwo guta Imana yabo nirwo rugero bagereymo banga Umwami wa Sitefano Yesu Kristo, Mesiya.

Uko Sitefano yagaragagarizaga abayobozi iyi mboneramwe yamateka, icyo yaragendereye kwari kubereka ko batereranye agakiza K'Imana. Ingaruka zubutumwa bwa Sitefano zarakekwaga.

"*Ngo babyumve batyo bazabiranywa n'uburakari, bamuhekenyera amenyo. Ariko Sitefano yuzuye Umwuka Wera arararama, atumbira mu ijuru abona ubwiza bw'Imana na Yesu ahagaze iburyo bw'Imana, aravuga ati "Dore mbonye ijuru rikingutse, n'Umwana w'umuntu ahagaze iburyo bw'Imana*."

Barasakuza cyane bīziba amatwi, bamugwirira icyarimwe, baramukurubana bamuvana mu murwa, bamwicisha amabuye. Abagabo bamushinje bashyira imyenda yabo ku birenge by'umusore witwaga Sawuli.Bakimutera amabuye, arāmbaza aravuga ati "Mwami Yesu, akira umwuka wanjye." Arapfukama avuga ijwi rirenga ati "Mwami, ntubabareho iki cyaha." Amaze kuvuga atyo arasinzira. Nuko Sawuli na we ashima ko yicwa.

Ubwo Sitefano yapfiraga ubutumwa bwe, atwereka ko yari yuzuye umwuka wera. Yari afite iyerekwa rihambaye ry' Imana na Kristo. Apfa uburyo umwami we yari yamuhemekeye gupfa, asenga asabira imbabazi zabatwaraga ubuzima bwe.

Mu iterwa ryamabuye rya Sitefano turahahurira numumisiyoneri ukomeye cyane, umubibyi wamatorero uhambaye, Umushumba, Umwigisha, n'umwanditsi mu mateka y'Itoreo rya Kristo. Turahura nawe atwaye imyenda yabateraga amabuye Sitefano kugeza apfuye. Ni Sawuli w' Itaruso, wabaye Intumwa Pawulo.

Igihe twamenye uwo musore muto witwa Sawuli w'i Taruso, turaza kubona uburyo nimpamvu ubutumwa bwa Sitefano nuko urugero rwa Sitefano byagize ingaruka zikomeye kubuzima bwe. Sawuli yari "Umufarisayo wabafarisayo" kandi yarashiskajwe no kurinda umwimerere winyigosho zo kwizera kwabayuda. Yaziraga icyo yabonaga nkimyemerere mishya yari ibangamiye idina ryabayuda.

Ariko, uretse kuba yaba yarakozweho ninzira ya Kristo Sitefano yapfuye yemera, nawe ubwe kuba yari umunyeshuri ukomeye wibyanditse byisezerano rya kera, yari kwizera akanemezwa ninyigisho isizwe sitefano yigishije agaragaza ugusohora kwabyo akoresheje amateka yabayuda.

Waba ushaka gupfira Yesu Kristo nkuko Sitefano yabikoze? Wagira Ubuntu bwo kubabarira abanzi bawe? Ahari ikindi kibazo gikomeyeni, "Waba ufite ugushaka hamwe nubuntu bwo kubaho kubwa Yesu Kristo?"

Igice cya Kane

"Uburyo bwo Kurema abigishwa"

Mu by'ukuri ni gute turema abigishwa? Hari inkuru nziza mu gitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa idusubiriza iki kibazo (Ibyakozwe 8:26-40). Umugabo witwa Filipo, nka Sitefano nawe yari umwe mubadiyakoni bambere, nawe yabaye urugero rwabizera bafite ugukura kwimpano zumwuka zambutse mumpano zagishumba igihe yabaye umuvugabutumwa. Yagiye muri Samalia agiririyoumurimo w'ivugabutumwa rymususaruro mwinshi.

Igihe cy'Ibiterane by'Ivugabutumwe ry'uburumbuke, binyuze mu mumarayika, Umwami yahaye Filipo kumenya: " Haguruka ugane ikusi, ugere mu nzira imanuka iva I Yerusalumu ikajya i Gaza." (Ibyakozwe 8:26) Nubwo akensi abavugabutumwa bajya mu mijyi cyane, Filipo yarumviye ajya mu butayu.

Igihe Filipo yageze mu butayu, yabonye urukurikirane rwamagare yubwami rwambuka ubwo butayu. Umwuka amuyobora ku Igare ryihariye. Ikigiriki kigira giti muri icyi gice " Iri gare ryari ryihariye ritandukanye nayandi magare." Aho niho tumenyera yuko hari urukurikirane rwamage menshi.Igihe Fiipo yegeraga iryo gare, asanga umubitsi wa Etiyopiya asoma igice cya mirongo itanu na gatatu cyumuzingo wa Yesaya.

Uyu munya Etiyopiya wari umunyapolitiki, umubitsi wa Etiyopiya. Arimo arasoma umuzingo wa Yesaya. Yari yafashe urugendo rwinzira yose ituruka muri Etiyopiya ukageza i Yerusalemu kubera inzara yo mu mutima. Ageze I Yerusalemu, ahasanga ubwuko buzira urukundo yesu yajyaga acyaha cyane. Ntiyabonye ibyukuri byumuka I Yerusalemu, ariko yashoboye kubona kopi yumunzingo wa Yesaya. Arimo arasoma uwo muzingo nijwi rirenga: "*Twese twayobye nk'intama zizimiye, twese twabaye intatane, Uwiteka amushyiraho gukiranirwa kwacu twese*." (Yesaya 53:6)

Filipo aramubaza: "*Ibyo usoma urabyumva*?" *undi ati "Nabibasha nte ntabonye ubinsobanurira*?" (Ibyakozwe 8:31-31) Filipo arahaguruka yurira igare barajyana, Filipo

amusobanurira uko icyo gice cyo muri Yesaya cyamamazaga ubutumwa bwa Yesu Kristo.

Aha Filipo yerekana ubutumwa amubwira yuko kwizera muri Yesu byerekanwa mu mubatizo bwamazi. Dusoma umunu'Etiyopiya agira ati. "Dore amazi ngay' aho. Kubera iki ntabatizwa aka kanya? Filipo aramusubiza ati, " Niba wizeye numutima wawe wose, wabatizwa."

Hari igikenerwa nyamukuru ku mubatizo w amazi. "Izere numutima wawe wose." Ibi tubyita "Umubatizo w'uwizera." Itorero ryacitsemo ibice kubyerekeye uburyo bwo kubatiza abizera. Nyamara, icyingenzi mu kubatizwa ntabwo ari uburyo ahubwo ubusobanuro bw' umubatizo. Inshingano nyamukuru yakabaye isomwa utya, "Muhindure abantu abigishwa, mujyende, mubwirize, mubatiza, kandi mwigisha abo bigishwa."

Umubatizo wagereranywa n'umuhango w'ubukwe. Igihe umugabo asabye umugore ko yamushaka nawe akemera, icyo nicyo gihe cyejejwe cyurushako kuri bo. Igihe rero bashakanya, batumira imiyango, abavandimwe n'inshuti mu muhango wo gutangaza muruhame ukwiyemeza kwabo bemeraniye bihereye. Iyo Umugabo nkuyu munya Etiyopiya yizeye, uko nikwa kwiyemeza kw'ihereye noneho kukazatangazwa muruhame igihe abatijwe.

Igihe yesu yahinduye umubatizo igice cy' Inshingano nyamukuru, yabihinduye ibidashoboka kuba umuntu uwari we wese muri twe yamukurikira nanone agahisha kwizera kwe mw'ibanga. Nigute umuntu agaragaza kwizera kwe muri Yesu Kristo? Ese twiyunga ku itorero runaka? Ese twitaburira uguhamarwa kwo gukizwa kumenyeshwa numuvugabutumwa? Ni ibyingenzi kumenya ko umubatizo utadukiza, ariko umubizo nuguhamya Ukwizera kumugaragaro nkuko byategetswe na Yesu Kristo.

Inkuru yibya Petero

Mbere yuko tureba uguhinduka kwa Sawuli w'i Taruso (Igice cya 9), tugomba kwita kunkura yibya Petero (Ibice bya 10,11) igomba kwigirwa hamwe ninkuru ya Filipo kubera inkuruzombi zitewereka uburyo bwo guhindura abantu abigishwa. Igihe Petero yari arayamye yiyegetse hejuru y'inzu, yagize iyerekwa ry'ibati ryari rifatiye ku mpande enye. Kuri i iryo bati hari inyamaswa nyinshi abayuda bari bajujijwe kurya. Inshuro eshatu ijwi ribwira Petero, "Haguruka Petero, ubage

urye.”(Ibyakozwe 10:12) Buri gihe, Petero akavuga ati, “Oya mwami! Kuko ntigeze kurya inyama yubu buryo.”

Ubwo yumva ugukomanga ku muryango. Umwuka wera amenysha Petero ko agomba kujyana nabagao bari gukomanga nta bibazo. Aba bagabo bari abagaragu bumutware wabasirikare b’Abaroma witwa Koruneliyo. Bamusobanurira ko umutware wabo yagize iyerekwa igihe yasengaga aho yabwiwe kohereza abagarag ku nzu ya simon w’umuhazi ubaze umugabo witwa Petero, agomba kuza kumubwira we nabinzu ye icyo bagomba gukora kugirango bakizwe.

Tekereza imbogamizi kubyo abantu bibwiraga Petero yahuye nayo. Uretse Koruneriyo kuba ari umunyamahanga, yari n’umwanzi wa Petero. Abayuda bafataga abanyamahanga nk’ imbwa kuberako bizeraga ko abantu batari Abayuda bari bafite ukumenya ko mu mwaka kungana nku kw’ imbwa. Mu bifatika, byari binabujijwe ko Abayuda bakwinjira mu rugo rwutari Umuyuda. Dore none Petero arimo arayoborwa kubwiriza ubutumwa murugo rw’umunyahanga w’umutware w’Abaroma.

Igihe Petero yajyaga mu rugo rwa Koruneriyo, yasanze Koruneliyo yateranije ab’inzu ye hamwe gutega amatwi Petero abwiriza ubutumwa. Za Nyamaswa zihumanye zari ubwo bwoko buhumanye- Abanyamahanga. Amagambo yambere ya Petero agira ati, “Imana yanyeretse ko ntagira umuntu nita ikizira cyangwa igihumanye.”(Ibyakozwe 10:28)

Igihe Petero yabwirizaga ubutumwa, habaye igikorwa gisa nicyabye kumunsi wa Pentekote. Dusoma yuko “Petero akivuga, Umwuka wera amanukira abumvise ayo magambo bose.”(44) Mu gice gikurikira, igihe Petero yasobanuriraga Intumwa nabandi bizera uko Umwuka Wera yamanukiye ab’Inzu ya Koruneriyo, yongeyeho aya magambo, “Nkuko natwe yatumanukiye bwa mbere.”(11:15) Ni ibyingenzi ko iyi Pentekote iba igihe Kristo wazutse aba yubaka itorero rye aho yambukiranya imipaka yo gucirana imanza iba hagati y’Isi yabayuda hamwe n’Isi yabanyamahanga.

Umugozi w’Inyabutatu

Muri izi nkuru za Filipo na Petero, tuhabona uburyo butwereka uko twahindura abantu abigishwa. Izi ngero zahumekewe zitwereka nkaho habaho “umunyururu w’inyabutatu” hagati y’Imana nabo batatanye. Igice cy amber cy’inyabutatu n’ Umwuka Wera. Icya Kabiri n’ijambo

ry'Imana, naho icy gatatu n'umugaragu w'Imana – Uhindurira abantu kuba abigishwa.

Guhindura umuntu kuba umwigishwa, Umwuka wera agomba kuba akorera imbere kandi anyuze mugaragu uhindura abantu kuba abigiswa, uwo mwuka agatera uwo mugaragu kumurikira ubutumwa bwa Yesu Kristo umuntu runaka. Umwuka wera agomba kura arimo gukorera muri wamuntu watatakaye, arema inzara y'umutima nkuko yabigenjeje muri wa muny'Etiyopiya ndetse numutware w' Umuroma.

Ijambo ry'Imana, cyangwa se ubutumwa rigomba rihari nkigikoresho Imana isezeranya gukoresha muguhindura abantu abigishwa. Iyo imbuto y'ijambo ry'Imana yakiriwe mumutima wo kwizera, habaho ugusama ko mu mwuka (1 Petero 1:22,23).

Ubwo, umugaragu w'umwami, cyangwa se uhindura abantu kuba abigishwa, agomba kuba mu mwanya. Uhindurira abantu kuba abigishwa agomba kuba abishaka, aboneka, kandi ar'umwizerwa nka Filipo na Petero – iki nicyo gice cya gatatu cyumunyururu w'inyabutatu hagati y'Imana n'ubwoko bwatakaye. Biraneje kandi birahambaye gutekereza ko Imana itoranya abantu, abantu nkawe nanjye kuba abakozi bay obo gusangiza Inkururu nziza abatakaye.

Ni ibiki bihamya ko Umwuka wera arimo gukora mu buzima bwabantu batakaye batarigera bumwa cyangwa bacyire ubutumwa? Muri iz'Ingero ebyiri Luka aduha ibihamya ibikorwa by'umwaka ntashidikanywa. Bishobora kuba ntashidikanywa mugihe tuganira nabo bantu batakaye, ariko tuzabibona nidusenga kandi tugashakisha ibyo bimenyetso.

Ikibazo cyiza twabaza kituganisha mu kiganiro cyaho twasangiza abantu ubutumwa ni: "Ese ushishikarira kumenya iby'umwuka?" Ikibi gikabije cyaba nuko bavuga bati, "Hoya." Nukira kwizera numuhate wo kubaza iki kibazo uzasanga ko abantu benshi bashishikarira iby'Umwuka. Abantu batakaye bakenye umugaragu w'Imana ufite ubushake bwo "kurirarana igare" nabo, akabafasha gusobanukirwa icyo Ijambo ry'Imana rifite kuvuga gifite aho gihurira nabo hamwe nagakiza kabo kiteka.

Iyo ubonye ibihamya ko Umwuka Wera ari gukora mubuzima bw'Umuntu watakaye, kandi Umwuka akakuybora gubasangiza ubutumwa, Ese waba ushaka kuba cya gice cya gatatu cy'umunyururu kiri hagati y'Imana n'Umuntu

watakaye? Nakoranye iryo sezerano n'Umwami, nibwira ko ntazahura nabantu benshi nk'uumtware w'Abaroma ndetse n'Umuny'Etiyopiya. Nari naribeshye. Kuva igihe nakoze iryo sezerano ku Imana mu 1957, nahuye nabantu benshi nkabo kandi nabonye benshi muri bo bagera mu kwizera k'Umwami Yesu ndetse bagendererwa no kuvuka gushya.

Igihe nari nkiri muto mu kwizera kwanjye, nagiraga isoni kandi ntabwo nitinyukaga igihe natangiye gukurikira ukoyoborwa w'Umwuka Wera mugusangiza Ubutumwa abantu. Igihe nasobanukiwe igitekerezo ndi gusobanura nkumunyururu w'Inyabutatu, nasubijwemo imbaraga no kumenya, no kwihamiriza akenshi, ko ibice bibanza bibiri byumunyururu bikomeye, agakiza kumuntu watakaye ntabwo kegamiye kubuhanga bwacu, imbaraga zacu, ugutitiriza kwacu cyangwa ubushobozi bwacu bwo kwamaza.

Abagaragu bahindura nitwe gice cyanyuma cy'intege nke muri uyu munyururu, ariko kubw'Impanvu runaka ntasobanukiwe, nubwo ibana ishoboye kandi hato na hato ijya ikora iki gitangazo tudahari, yahisemo ubwayo gukoresha agace kintege nke aribo bantu kuzana abandi bantu batakaye mu kwizera no gukizwa. Kristo, wazutse n'umuzabibu uri gushakisha amashami yo kwerezamo " imbuto zisigaye." (Yohana 15:16)

Wari wasangiza ubutumwa bwiza abandi bantu? Ese urimo kunvira inshingano nyamukuru yatanzwe na Kristo? Niba utarabikora naguhinyuriza gusaba Imana kukwereka uburyo yiteguye gukorera mubuzima bwabakuzengurutse. Noneho umusabe aguhe ugushiramanga kwa Petero na Filipo kugira ngo ubasangize ubutumwa bw'Ubuntu n'Imbabazi ze.

Uko uzasangiza ubutumwa uzumva umunezero wo kumvira Imana no gukoreshwa n'Imana. Iyo twamamaje inkuru nziza ya Kristo kubatakaye, tuba turema itandukaniro ry'Iteka ryose mu buzima bwabo. Isengesho ryanjye n'uko usigwa n'Umwuka Wera mugushira amanga ugusangiza ubutumwa bwiza abantu nka Petero, Filipo, Pawulo, uko wowe n'abandi dukomeza kwiga iki gitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa.

Igice cya Gatanu

"Pentekote yihariye ya Pawulo"

"*Ariko Sawuli akomeza gukangisha abigishwa b'Umwamo ko bicwa, ajya ku mutambyi mukuru amusaba inzandiko zo guha ab'amasinagogi y'i Damasiko, kugira ngo nabona abantu*

b'Inzira ya Yesu, abagabo cyangwa abagore, ababohe abajyane i Yerusalemu. Akigenda yenda gusohora I Famasiko, umucyo uramutungura uvuye mu ijuru uramugota. Agwa hasi yumva ijwi rimubaza riti" Sawuli, Sawuli, undenganiriza iki?" Aramubaza ati" Uri nde, Mwami?" Na we ati "Ndi Yesu, uwo urenganya. Ariko haguruka ujye mu mudugudu, uzabwirwa ibyo ikwiriye gukora." (Ibyakozwe 9:1-6)

Aya magambo, amenyerewe kubantu bamwe, asobanura uguhindurwa kwa Sawuli w'i Turaso, bakunda kwita "Ibyukugendererwa mu muhanda w'i Damasiko". Nkuko tumaze kureba, iyo duhuye nawe, niwe wanga cyane Kristo, ariko uku kugendererwa ko mu muhanda w'I Damasiko nukwambere mubyabanjirije ukundi kwinshi byamugize Intuma ikomeye (Umumisiyonere) mu mateka y'Itorero rya Yesu Kristo.

Hari ibice byinshi mu gitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa Pawulo azatubwira kubyerekeye uku kugendererwa. Imbere yabigomeke, Abaguverineri b'Abaroma, Umwami n'Umwamikazi, munkiko z'insengero, no munzandiko ze zihumekeye Pawulo akomeza atubwira nti " Nagize ukugendererwa."

Pawulo atubwira ukugendererwa gutatu kwamugize intumwa yambere yumusaruro mu mateka y'itorero. Ukugendererwa kwa mbere kwari uguhindurwa kwe mu muhanda ujya I Damasiko. Yagize ukugendererwa mubutayu bw'i Arabiya, ubwo asobanura neza mu rwandiko yandikiye Abagalatiya (1:11-2:10). Yagize kandi ugendererwa kw'ijuru kwagize ingaruka ikomeye kubuzima bwe. Asangiza Abakorinto ndetse natwe uko kugendererwa (2 Abakorinto 12:1-4). Ibi bishobora kuba byarabaye igihe bamuteraga amabuye i Lusitira (Ibyakozwe 14:19-20).

Uku kugendererwa kw'Ijuru kwemeje Pawulo yuko tutagomba gutegereza kugeza dupfuye kugirango tube mu Ijuru. Umutwe wuru rwandiko yandikiye Abefeso ni, "Mu myanya yo mu ijuru" muri ibyo yasobanuraga ko dushobora kubaho mu mitekerereze y'ijuru ubwo tugerageza kubaho ubuzima bwacu hano ku Isi (Abefeso 1:3). Ntitwasobanura ibyiyi ntumwa yikirangirire tutifashishije uku kugendererwa gutatu.

Hari ibintu bike byingezi dufite kurebera hamwe byerekeranye nuku kugendererwa kwa mbere kuyu mwanzi wa Kristo. Icya mbere, Sawuli yumva ijwi rimuhamagara mw'izina rimubaza,

“Undenganiriza iki?” Ubutumwa bweruye ni: “Iyo urenganije itorero ryanjye nanjye uba undenganya”

Sawuli asubizanya igisubizo, “Uri nde, Mwami?” Nta nubwo yari azi uwo yavuganaga nawe, ariko yari azi ko uwo bavugana ari Umwami.

Mu guhindurwa kwa Pawulo harimo ikimenyetso kidufasha gusobanukirwa igitekerezo cyo “Koroha mu mutima”. Duhereye kuri iyi nkuru twiga yuko ukoroha mu mutima ari “ukumenyerezwa.” Iyo Ifarasi ari iyishyamba, kandi ikaba itarashyirwa umugozi uyizirika kumunwa, undi kumutwe, cyangwa intebe kumugongo wayo, iyo farasi iba ikeneye kumenyerezwa. Iyo ifarasi yamenyerejwe, ikageza aho itashobora kwikura kucyiziriko cyayo, uretse gukurikira icyerekezo cyuyiyoboresha imigozi, iyo nyamaswa ntiba ari inyantege nke. Inyamaswa imenyerejwe ni inyamaswa yiyoroheje.

Igihe Kristo wazutse abwira Sawuli, “ Biragoye ko watera imigeri ukuyoboye uhetse,” Yasobanuraga ati, “Kuki uri kwikurura uva kukiyoboye uzirikishijwe akanwa? Uba witanyaguriza umunwa. Byakugora.” Iki kimenyetso kidutekerereza yuko mbere yukugenderwa mu muhanda w’i Damasiko, Umwuka Wera yari amaze igihe runaka akora kumutima wa Sawuli w’I Taruso, akamuvugisha anyuze mu buhamya bwa Sitefano nabandi bizera yarenganyije. Sawuli atwereka ko yemeye koyoborwa ubwo yiyoroshyaga, igihe yabazaga ikibazo, “ Mwami, niki ushaka ko nkora?”(6)

Mu nzandiko za Pawulo, kuruta buri wese, niwe uzatubwira byose Imana yadukoreye mukudyhereza agakiza inyuze muri Kristo. Ariko, igihe yahuye na Kristo, ikibazo cye nticyari, “ Niki ugiye kunkorera?” Ikibazo cye kingenzi ni, “ Niki ushaka ko nagukorera?”

Kubwo guhindurwa kwe, Uko Pawulo yabonaga ubuzima byahindutse muburyo buhambaye. Mubindi byinsi, yanhinduye izina rye. Izina rya Pawulo ry’igiheburayo Sawuli ryasobanuraga “ Ukomeye” cyangwa “Uhambaye”. Igihe yahindurwaga, yahisemo gukoresha izina rye ry’ikiromani, Pawulo.

Ibi bishobokaa byaraturutse mu kuba yaroherejwe gusanga abizera batari Abayuda mubwami bwose bwabaroma. Kuba nawe yari umuturage wumuroma, kandi akaba yarashakaga kuba byose ku bantu bose, nbyo byari kuba icyemezo kinoze mugukoresha izina rye ry’ikiromani. Ariko kandi

ntitwakwirengangiza ko Sawuli bivuze ukomeye cyangwa uhambaye, naho Pawulo bivize “umuto “ cyangwa se “Utagize icyo avuze”! Igihe Pawulo yahindurwaga Pawulo, yahuye koko nicyo bisobanuye kwitwa “Umukene mu mutima.” (Matayo 5:3)

Nyuma yadikiye abafilipi ibyumumaro agira ati: “Nyamara ibyari Indamu yanjye nabitekereje ko ari igihombo ku bwa Kristo, ndetse n’ibintu byose mbitekereza ko ari igihombo ku bw’ubutunzi butagira akagero, ari bwo kumenya Kristo Yesu. Ku bw’uwo nahombye ibyanjye byose, ndetse mbitekereza ko ari amase ugereranyije nibyo byasaga nkaho ntacyo bimbwiye mbere yo guhura na Kristo mu muhanda ujya I Damasiko- ibyo birimo kumumenya no gusonukirwa icyo yashakaga ko nkora- ibi bintu bishya nibyo byabaye ibinezeza umutima wanjye” (Abafilipi 3:1-11)

Ikintu cy’ingenzi mu kugendererwa kwacu ntabo ari umwirondoro wuko kugendererwa. Ngombwa yambere ni: umusaruro wo kugendererwa kwanjye nuwuhe? Ukugendererwa siryo herezo ahubwo nuburyo butugeza ku iherezo. Muburyo bworoheje ukugendererwa ni umuryango tunyuramo uduhindura abagaragu beza ba Kristo. Mu gitabo cy’ibyakozwe n’Intumwa , Pawulo asobanura umwirondoro wo kugendererwa kw’i Damasiko inshuro nyinshi. Ibyo yandikiye abafilipi bishimangira ibyavuye mu kugendererwa mu muhanda ujya i Damasiko.

Hari Abizera bamwe bari icyo nita Abizera “bibikoresho”. Igikoresha ni ikintu dukoresha, Abizera bashobora gukoresha Imana nkuko dukoresha amazi, itabaza, amashanyarazi, igare, cyangwa bisi yumujyi. Muburyo tutabimenya, dushobora kuba abakurikira Kristo kubera twizera ko azadukemurira ibibazo byacu byose. Nibyo koko, iyo dukurikiye Kristo, ajya akemura ibibazo byacu byinshi byingutu. Ariko reka nkubaze ikibazo: “Uko ukurikira Kristo, waba umubaza icyo we agiye kugukorera cyangwa nka Pawulo urimo urabaza Umwami numucunguzi wawe icyo wamukorera?”

Nyuma yinkuru yo guhindurwa kwa Pawulo, dusoma ibyo twakwita “Ibikurikira” uguhindurwa kwe. Imana yasanze Umugabo ukuze witwa Ananiya iravuga it” Ndashaka ko ujya kubatiza umugabo witwa Sawuli w’ i Taruso.” Izina “Sawuli w’i Tarusi” ryateye ubwoba mu mutima wuyu mugabo ukuze. Arasubiza, “ Mwami, uwo muntu numvise benshi bamuvuga, uko yagiriraga nabo abera bawe bari i Yersualemu, kandi n’ino

afite ubutware abuhawe n'abatambyi bakuru, bwo kuboha abambaza izina ryawe." (Ibyakozwe 9:13,14) Imana irategeka: " Genda kuko uwo muntu ari igikoreshwa nitoranirije, ngo yogeze izina ryanjye imbere y'abanyamahanga n'Abami benshi n'Abisirayeli." (15)

Ivuga mu buryo bweruye, Imana izingura umuzingo ndetse yereka Ananiya umugambi wayo kubuzima bwa Sawuli w' i Tarusi. Itegereze ko ibyo Imana itabigiriye Sawuli. Yo yibwiriye Sawuli: "Haguruka ujye i Damasiko kandi nugera i Damasiko nzakubwira irindi bwiriza nkufitiye."(6) Icyadufasha twakwiga hano nuko Imana ibishatse ishobora kutwereka umugambi wayo wose kubuzima bwacu. Ariko siko ibikora akenshi. Iduhishurira ubushake bwayo nkuko yabigenjeje kuri Sawuli – Umunsi umwe n'ibwiriza rimwe mu gihe.

Amwe mu magambo meza ari mugitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa ni amagambo yavuzwe na Ananias igihe yageze mu inzu aho Sawuli w'I Taruso yari amutegereje. Igihe Ananiye yari amaze kumenya ko uyu mwanzi ruharwa w'Itorero yahinduwe, yaravuze ati, "Mwene Data Sawuli." Icyo tubona hano nicyo itorero rya Yesu Kristo ari cyo: Ubuntu bwo guhindura ubuzima!

Ukugendererwa kwa Pawulo ko Mu butayu

Duhura nimbogamizi yuruhererekane rwibihe uko dusoma Inkuru yo Guhindurwa kwa Pawulo. Hari ubwo twibwira ishusho nkaho Pawulo akimara guhindurwa yahise atangira kubwiriza ubutumwa ashize amanga mw'izina rya Yesu i Damasiko n'i Yerusalemu. Ariko tugomba gushyiramo ingingo isobanura hagati yo guhindurirwa kwa Pawulo n'umurimo we wo kubwiriza. Tugomba no kwita ku cyo Pawulo abwira Abagatalatiya kubyerekeye no kujya mu butayu bwa Arabiya nyuma yo guhindurwa kwe (Abagalatiya 1:11-21)

Abanyeshuri bamwe ntibemeranya ingano yigihe cyo kugendererwa kwa Pawulo mubutayu i Arabiya, ariko abenshi bemeranya ko yiyemereye ko yahamaze igihe gito kingana nimyaka Itatu. Pawulo yiyemerera ko Kristo wazutse yamaranye nawe Imyaka itatu amwigisha ibintu byose yanditse mu nzandiko ze, zigize igice cy' Isezerano Rishya. Nuko, asubiraho gato i Damasiko, hanyuma ajya no mu mujyi we wamavuko w'i Tarusi.

Pawulo atubwira ko imyaka cumi nine nyuma yo guhindurwa kwe, yagiye i Yerusalemu ahura n'intumwa ku nshuro yambere (Abagalatiya 2:1-10). Bigaragara ko Pawulo

yabemeje ko yari ari kumwe na Yesu kumara imyaka itatu nkuko nabo byabagendekeye. Ashobora kuba yarabwiye intumwa ibyerekeye Yesu kuburyo byamenywa gusa numuntu wabanye na Yesu. Icyo nibwo bahisemo ko Pawulo yabwiriza ubutumwa mu Isi yabanyamahanga binjiji, naho izindi ntumwa zikabwiriza Abayuda.

Iyo biba njye simba narabigenjeje kuriya. Nari kohereze kubayuda Pawulo, Umwigisha wahinduwe nintiti naho abarobyi batize nka Petero, Yakobo na Yohana nkobohereza mubanyamahnga binjiji. Ariko Imana ntikora ibintu nkuko twe twabikora. Imeze nkiyishimira gukoresha abantu basanzwe gukora ibintu bidasanzwe. Yohereje Umwigisha n'intiti ihinduwe kujya mu banyamahanga binjiji naho intumwa zitize izohereza mu Barimu n' intiti.

Ugerereranyije igice cya mbere cy'Igitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa cyerekana Petero iri kuruhembe, naho ikindi gice cyiki gitabo kirondora ubuzima numurimo w'Intumwa Pawulo. Iyo usoma inkuru yo guhundirwa kwa Pawulo muri iki gitabo cy'amateka, menya neza ko wahindukirira gusoma ibyo Pawulo yivugaho kubyerekeye ukugendererwa kwe ko mubutayu mubice bibiri bibanza mu rwandiko rwe yandikiye Abagalatiya. Igihe yivugagaho mu Bagalatiya atugeza ku kuri kuzira ikinyoma ubwo yagiraga ati, "Imbere y'Imana, Simbeshya."

Ugomba gufata umwanzura kuri Pawulo. Pawulo yaba ari umunyabinyoma cyangwa se ni Intumwa. Hari naho yivugaho ko yakoze imirimo myinshi iruta iya bose (1 Abakorinto 15:9,10). Ikigaragara kitashidikanwaho nuko yabaye umunyamusaruro mwinshi kuruta izindi Ntumwa. Niwe mwanditse wa hafi igice cy'Ibitabo byo mu isezerano rishya tuzagenzurana nidusoza iki gitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa. Wifate ku iteka ryawe kubyerekeye Pawulo kugeza igihe umaze gusoma ndetse no gusuzuma muburyo bwinitse ibiri mu nzandiko zihumekewe.

Natangiye ugusoma Bibiliya kwanjye mu 1949 natangiye nsoma igice cya kabiri cy'igitabo cy'ibyakozwe n'Intumwa nitegura gucukumbura inzandiko zose za Paul zihumekewe. Maze kwemezwa ko mu myaka myinshi ishize, ni Kristo wabambwe wenyine waba warahishuriye ukuri guhambaye nakomeje kubona muri izi nyandiko zihumekewe uyu mugabo w'Imana utangaje ndetse wikirangirire Pawulo.

Dore Barinaba

Luka yibanze cyane ku murimo wa Petero na Pawulo ubwo yandika amateka yitorero yikinyejana cya mbere. Nyamara, Kuri aba bayoboze hiyongeraho abandi bayobozi babiri bakomeye, hari nabandi bantu benshi yibwira ko tugomba kumenya ibyabo kugirango dushimire intangiriro zitorero rya Kristo wazutse, muzima. Umwe muri abo yitwa Barinaba, bisbobanura risobanurwa “Umwana wo guhugura” (4:36)

Mugukurikiza ingero za Yesu, Intumwa zahinduye izina kuva ku kwitwa Yozefu bamwita Barinaba, byasobanuraga impano ye yumwuka, imiterere numurimo bye. Akenshi tuzamusanga abaho bijyanye nuko izina rye riri, akiranukira gukomeza abandi anabahugurira gukora ibyo Kristo Wazutse abahamagarira. Barinaba yari umugabo wagize uruhare mukugaragaza Pawulo mu murimo wubumisiyoneri bwigitangaza.

Dusoma yuko yakoreraga mu Itorero ryi Antiyokiya, ahandira abizera bashya kuba abigishwa. Itoreo ryagize ugukura mu mibare yabozera bashya kubera ko Umwuka wera yakoraga mu mbaraga. Hari abizera bashya kuburyo Barinaba yabonye ko itorero ryaho rikeneye impano yo kwigisha yumwihariko kandi idasanzwe by’umwigisha uhindutse Swauli w’i Taruso. Nibwo yajyaga i Taruso ashakisha kugeza igihe yabonye Pawulo, nuko amuzana muri Antiyokiya amushyira mu murimo wo kwigisha. Dusoma ko Barinaba yingingiraga uwahoze ari umwanzi w’itorero nabandi bizera, abo bahoranaga amakenga kubyo kuzana Pawulo muri Antiyokia (Ibyakozwe 9:26)

Tugomba kwibukako hatari kuzigera habaho Intumwa Petero iyo ibitaba ibyumugabo witwa Ndereya. Ndereya niwe wazanye mwene se Simon Petero akamuhuza na Yesu. Ndereya kandi agaragara akora umurimo wumuntu nundi, aho yazanaga kuri Yesu kuko niwe wavumbuye umuhungu muto, watanze ifinguro rye ry’ibisuguti bitanu na Saridine ebyiri byashoboye guhaza ibihumbi byabashonji. Muri ubwo buryo twavuga ko Pawulo Atari kugira umurimo we ukomeye, iyo bitaba kubw’uyu “ Muhungu wo guhugura,” Barinaba.

Pawulo na Barinaba bategekwa ndetse boherezwa nitorero ry’i Antiyokiya kutangira hamwe ingendo zumurimo wubumisiyonere (Ibyakozwe 13:1-3). Ariko, ubwo bendaga gutangira urundi rugendo ku inshuro yakabiri, bagize ukutumvikana gukomeye kwashoje ugorera hamwe kwabo nkabigishwa bafitiranye umutwaro umwe na Kristo. Barinaba

yashakaga kujyana numwisengeneza we,Yohana Mariko, kurugendo rwa kabiri. Yohana Mariko yari kumwe nabo murugendo rwabo rwa mbere, ariko arabata igihe kurenganywa byatangiraga. Pawulo ntiyemeraga ibyo kujyana Yohana Mariko.

Ukutumvikana hagati ya Pawulo na Barinaba kurakomeye kubryo iki kintu cyabatandukanije. Pawulo atwara Sila bagenda mucyerekezo kime; Barinaba atwara Yohana Mariko nabob agenda mukindi cyerekezo. Mu mateka y'Itorero hagaragayemo ko kimwe mu bibazo bikomeye by'abamisiyoneri ari aba misiyoneri bagenzi babo. Umubi azi ko tudashobora kunesha isi mugihe tuburanye ubwacu.

Niyo mpamvu Yesu yashimangiye cyane ko gutunganya imibanire yacu na bene Data (Matayo 5:23,24; 18:15-17)

Ariko, ni ingenzi gusoma amwe mugambo yanyuma yanditswe n'Intumwa Pawulo ari muburoko buteye ubwoba muri gereza i Roma. Aya magambo yayandikiye Timoteyo. "Uzanzanire Yohana Mariko. Numukozi wakamaro." Niyihe nkuru iri inyuma yuyu musore muto, muguhinduka "Umukozi wakamaro?" Inararibonye zizera ko Barinaba yakomeje guhugura Yohana Mariko nyuma yahoo Pawulo yari yamuyeho. Yohana Mariko ahinduka umugabo wanditse igitabo cy'ubutumwa bwa Kabiri kubera Barinaba yari " "Umwana wo guhugura."

Iteka habayeho, nubu hariho, kandi hazahoraho abantu benshi mwitorero bakenera umuntu wo kubahugura akabitaho kurwego rwumuntu nundi. Niba uri umwizera ukiri muto, ukeneye ba Barinaba. Niba uri umwizera ukuze, ugomba kuba uhugura ndetse utoza ba Yohana Mariko. Uko ugize amahirwe, kandi nkuko Umwuka Wera akuyoboye, iteka ujye ukurikiza urugero rwa Barinaba uhugure abo bagukikije – cyane cyane abizera bashya – guhinduka byose umwami n'umucunguzi wabo ashaka ko bamera.

Igice cya Gatandatu

"Imiterere Ya Pentekote Mu Kubiba Amatorero"

Dukurikije Luka, hariho ibintu bya ngombwa mu kwamamaza ubutumwa. Dusoma kimwe muri ibyo bintu mugice cya Cumi na gatandatu. Igihe Pawulo yagendaga murugendo rwe rw'ubumisiyonere bwa kabiri, yifuje kwinjira no kwamaza ubutumwa muri Asiya. Mugihe cyijoro, mu iyerekwa Paul

abona umugabo w'i Makedoniya amwingingira "Kuza i Makedoniya akabafasha"

Pawulo amaze kubona iryo yerekwa, aha tumenya ko Luka yaramaze kwiyunga kuri iri tsinda ry'ubumisiyoneri iyo dusomye duti " uwo mwanya dushaka kujya I Makedoniya, kuko tumenye yuko Imana iduhamagariye kubabwira ubutumwa bwiza." (Ibyakozwe 16:7-10) Nubwo Pawulo nabagenzi be bari bujye muri Asiya bidatinze, ni iby'ingenzi cyane kumwuka ko babanza kujya I Makedoniya mbere yo kugera muri Asiya.

Ni muri ubu buryo Pawulo yagize umurimo we wambere ku bagalatiya. Iyo turebye ibyo Pawulo Yandikiye Abagalatiya kubyerekeye ibibazo by'ubuzima yari arimo guhura nabyo, twakwanzura yuko Umwuka wera yakoresheje ibibazo by'ubuzima bwa Pawulo kubabuza kwinjira muri Asia (Abagalatiya 4:13-15). Ibi bifite ishingiro kubyibwira kubera ko inshuti ye umuganga Luka yamusanze akamwiyungaho muri iki gihe.

Umujyi wa mbere basuye ubwo binjiraga I Makedoniya ni I Filipi. Ushobora kwibwira ko kuba Pawulo yarabonye umugabo amwinginga mwiyerekwa ati, "ngwino hano udufashe," twakwibwira ko yari kuahasanga amajana yabagabo bategerezanye ubwuzu kumva Ubutumwa. Ahubwo,yahasanze itsinda rito ryabagore bari bafite iteraniro ku mugezi. Nkibisanzwe Pawulo atangirana icyo Umwami yamuhaye, kubwiriza Ubutumwa abagore b'Ababayuda.

Umwe muri abo bagore yari Ludiya, "Wagurishaga Imyenda y'imihengeri" (14) Ibyo bisobanura ko yari umudozi wakoraga imyenda y'abanyacyubahiro Dusoma yuko igihe Pawulo yafunguraga ijambo ry'Imana, Umwami "Yafunguye umutima wa Ludiya." (14) Nawe yugururira urugo rwe Pawulo hamwe nitsinda rye ryakimisiyoneri. Nuko maze urugo rwa Ludiya ruba Itorero rya mbere ry'Iburayi. Ubu hari ndetse higeze kubaho inyubako zimiturirwa zinsengero mu Burayi, ariko mu Ijuru, uyu mudozi niwe uzivuga ko urugo rwe rwabaye itorero rya Mbere ry'Iburayi.

Ni muri uyu mujyi w' i Filipi aho Pawulo na Sila bafungiwe, bakutwa byindenga kamere, ndetse bajugunywa muri gereza (22-24). Batitaye kuri uku guhanwa, dusoma yuko mugicuku Pawulo na Sila barasenga baririmba amashimwe ku mwami, izindi mbohe zirabumva. Uwo mwanya habaho igishyitsi

gikomeye! Iminyururu yabose iradohoka, inzugo zose ziherako zirakinguka. Uwo wari umushyitsi udasanzwe!

Uwo murinzi akangutse, abona inzugi z'inzu y'imbohe zikingutse ,akura inkota ye nuko agiye kwiyahura Pawulo avuga ijwi rirenga ati "wikwigirira nabi twese turi hano." Umurinzi abaza ikibazo gihambaye, "Batware nkwiriye gukora nte ngo nkire?" Pawulo aramusubiza nigisubizo gihambaye. " Izere umwami Yesu, urakira ubwawe n'abo mu rugo rwawe."

Amagambo akurikira dusoma ni: "Bamubwira Ijambo ry'Umwami Yesu n'abo mu rugo rwe bose. Mu gicuku cy'iryo joro arabajyana abuhagira inguma, aherako abatizanywa n'abe bose. Arabazamura abajyana iwe arabagaburira, yishimira cyne n'abo mu rugo rwe bose kuko yizeye Imana." (28-27)

Inzira yagakiza ntirigera itangazwa muburyo bweruye kurusha aya magambo: " Izere Umwami Yesu Kristo, urakira.

Narakijijwe ndetse mpinduka umwigishwa wa Yesu Kristo mu 1949 igihe numvaga ababwirza ku nshuro yanjye ya Mbere. Nizera ko ubu aribwo Pawulo yari ahuye na wamugabo wamuyoboreye mu iyerekwa kuza I Makedonya.

Nyuma yo guhindurwa k'umurinzi, abacamanza batumaho ko Pawulo agomba kurekurwa akava muri uwo mujyei (35, 36). Ariko Pawulo yinangira kurekurwa muri ubwo buryo muri ayo masaha. Kuko yari yakubiswe nkumuturage w'Umuroma, nta rubanza, asaba ko umucamanza yiyizira ubwe akabaherekeza na Sila hanzw yumujyi. Asohoka i Filipi muburyo ndetse nigihe yitoranirije.

Pawulo ntiyabonye gusa Kristo ahindura umujyi w' Ifilipi. Itorero rye mba mutima ryatangirijwe muri uyu mujyi w'Ifilipi. Iri niryo ryabaye icyicaro cyamushyigikiye kugera ku yandi matorero mu mijyi nkiya Korinto, Efeso na Tesalonika. Akoresha imitere yubwizerwa bw'Itorero ry'Ifilipi nk'Icyitegererezo nurugero rwayandi matorero (2 Abakorinto 8:9). Pawulo yahitagamo gukora umurimo wo kuboha amahema aho kugira ngo ahore atega inkunga iturutse mu bizera bari bakiri bato mu mpamvu zabateraga gutanga, abo nabakemangaga impamvu Pawulo yiyitaga Intumwa, ntibari bakwiriye kuba abafatanyabikorwa be mu murimo imana yakoraga.

Uko ukomeza gusoma Inkuru ya Pawulo i Filipi, ntuzibagirwe aya magambo akomeye: " Wizere umwami Yesu urakizwa –

ubwawe nabo murugo rwawe" Witegereze hano, aya magambo araduhinyuriza kwizera mu mwami Yesu Kristo. Yesu bisobanuye ko tumwizera nkumucunguzi wacu. Kristo bigasobanuye ko umucunguzi wacu ari Mesiya. Umwami bisobanuye twagize Umucunguzi Mesiya kuba umwami ndetse na Databuja wacu.

Ese ubwawe kugiti cyawe wizera ko Yesu ari umucunguzi n'Umwami? Ese waba waramugize Umwami? Niba utarigeze ibyo ubikora, " Izere Umwami Yesu Kristo ubone gukizwa – ubwawe nabo murugo rwawe."

Igice cya Karindwi

" Ukubwiriza kwa Pawulo"

Igihe Pawulo yageze mu mujyi w' I Atenayi, ahagarika umutima cyane, kuko abonye uwo mudugu wuzuye ibishushanyo bisengwa (Ibyakozwe 17:16) . Umunyamateka umwe yigeze kwandika ko byari byoroshye kubona ibigirwamana kurusha kubona Pawulo hari uwo yasura muri uyu mujyi w'I Atenayi. Uku gusenga kwibishushanyo kwahagaritse umutima Pawulo kuko yari azi ko ibi bishushanyo bitari Imana, ndetse nabo bantu batashoboraga kumenya Imana yukuri baciye muri ibi bigirwamana. Pawulo yari yari afite ibyiza bimutwara umutima, ibyo bikagena iiterere nimikore y' ivugabutumwa rye. Iteka yabanzaga kujya mu isinagogi akamamaza ko: " Yesu ari we Kristo." Pawulo yari Umwugisha – Rabi kandi yari afite ibyangombwa bibyerekana. Rero, yajyaga mu isinagogi, akakira uruhushya, akoba kubwiriza no kwigisha ubutumwa bwiza Abayuda. Ubwo nibwo bwari uburyo bw'imikorere ya Pawulo – "Uhereye ku Muyuda, ukageza kumugiriki." (Abaroma 1:16) Nubwo Pawulo yari yarahamagariwe gukorera Imana mu Isi yabatari Abayuda, we ubwe yari afite umutwaro ukomeye wabayuda kandi iteka nibo yabanzaga kubwiriza mbere. Tumenya impamvu yabanzaga kujya mu bayuda iyo dusomye umwirondoro wuwo mutwaro mu rwandiko rwe yandikiye Abaroma (9:1-5).

Igice cya Kabiri cy'uburyo Pawulo yakoraga kwari ukujya ahantu higuriro agasangiza ubutumwa ahantu abantu bahuriraga ari benshi. Dusoma yuko, " Kuko Abanyatenayi bose n'abasuhuke baho batagiraga icy bakora, keretse gushyushya inkuru no kumva ibyadutse." (Ibyakozwe 17:21) Abagiriki bari Abanyafilozofe. Bakundaga kuganira kandi no kujya impaka ku mirongo yibitekerezo, kandi bakundaga

kumva ikintu gishya. Nuko buri munsi Pawulo yajyaga ahantu higuriro agasangiza ubutumwa umuntu wese wamwumvaga.

Igice cya gatatu cy'imikorere ya Pawulo cyari ugusangiza ubutumwa abantu bavugaga rikijyana. Kuko Pawulo yari umwe mu banyabwenge bigihe cye, yashoboye cyane gushyikira aba bayobozi. Ubwo yabwirizaga I Atenayi, yahawe ubutumire bwo kujya ahantu hatangaje kandi heza hari kumpinga yumusozi Marisi ahantu hari hazwi nka Areyopaga. Areyopaga hari ahantu honyine abantu bintashyikirwa batumirwaga mu biganiro mpaka. Hanakoreshwaga nkicyumba cyo cyiburanishwa, hari ahantu hitegeye umujyi w'I Atenayi. Igihe Pawulo yatumirwaga kubwiriza aha hantu, yabwirije ikibwiriza cyuzuye ubutyoza. Aratangira ati: "Bagabo b'Abanyatenayi, mbonye muri byose ko mukabije kwibanda mu by'Idini. Ubwo nagendagendaga nitegereza ibyo musenga, nasanze igicaniro cyanditsweho ngo: Icy'Imana itamenywa. Nuko iyo musenga mutayizi ni yo mbabwira. (22,23) Ibi Pawulo yavuze byari iby'Ubwenge. Pawulo yabanje gushimira Abanyatenayi ko ari abanyadini. Ibyingenzi kuri ibyo arabwira ati, " Nabonye ko imwe mu mana zanyu yanditsweho nubusobanuro buvuga ko hari nibura imana imwe mwe miyemerera ko mutazi. Iyo niyo Mana ngiye kubabwira ibyayo." Nuko Pawulo ababwiriza ko turi abana b'Imana yaremye ijuru n'Isi. Rero ntibyashoboko ko Imana yabaa iremye muri Zahabu, Ifeza, Ibuye cyangwa Igiti. Yabasubiriyemo amagambo yabasizi b'Ababagiriki, kuko nabasizi b'Abagiriki ubwabo bavuze ko turi Urubyaro rw'Imana. Abasubiriramo amagambo y'Abanyafilozofe babo, kandi ubwo yasozaga ikibwiriza cye, abamenyesha urupfu n'umuzuko wa Yesu Kristo. Igihe Pawulo yababwirije umuzuko wa, dusoma yuko: "Bumvise ibyo kuzuka bamwe barabinegura, abandi bati 'uzabitubwira ubundi'. Nuko Pawulo ava muri bo. Ariko abagabo bamwe bifatanya na we barizera. Harimo Diyonisiyo wo mu ba Areyopago, kandi n'umugore witwaga Damari n'abandi hamwe na bo." (32-34)

Impuguke ntizemeranya uburyo bumwe bwo gusesengura Inyigisho ya Pawulo kuri uyu musozi wa Marisi. Bamwe bizerako yaba yarananiwe kwihagararaho bitewe nigitutu cyimibereho yiganjemo ubumenyi Abagirki bari babayemo, igihe yabasubiriragamo amagambo y'Abanyafilozofe nabasizi, byatumye amagambo y'ivugabutumwa aba macye. Nta rwandiko rwa Pawulo yandikiye ab'i Atenita, ntanahantu Pawulo agaragaza itorero yashingiye i Ateniya nkuko yagiye abaigaragaza ahandi hantu nk'i Korinto na Efeso. Izindi mpuguke ntizemeranya naba. Njye ubwange ndemezwa ko

Pawulo yagutse mu bitekerezo bye nimivugire ye yubutwa biturutse mu bihe yagiriye I Ateniya.

Ubutumwa Bujya i Korinto

Kuva i Ateniya, Pawulo yahise ajya i Korinto. Korinto wari unujyi wataye Umuco. Mu isi yikinyejana cya mbere, kwita umuntu "Umunyakorinto" byasaga nko mwita umuntu utagira Umuco. Pawulo yagize ubwoba, igihe yahitagamo kubwiriza Ubutumwa mu mujyi w'I Korinto (1 Abakorinto 2:3) Ariko Imana yaramukomeje mu iyerekwa iti, " Ntutinye, ahubwo uvuge we guceceka kuko ndi kumwe nawe, kandi nta muntu uzagutera kukugirira nabi, kuko mfite abantu benshi muri uyu mudugudu." (Ibyakozwe 18:9,10)

Pawulo yagize Pentekote yumwihariko yamuteguriye umurimo we i Korinto. Muri ibyo twavuga ko yagize ibihe byamuteguriye umurimo we kub'i Galatiya, Efeso, Filipi ngetse na ab'i Korinto. Ibi bihe byari ukugendererwa kubumana byizezaga Pawulo ibigaragara bifatika byerekana Kristo muzima wazutse yari kumwe nawe igihe cyose yamamazaga ubutumwa bwiza muri iyi mijyi yingenzi. Ibimenyetso nibitangaza byumunsi wa Pentekote byagiye bikomeze nkimiva ya mazi kugirango bikomeze ukwamamaza kw'inkurunziza ya Yesu nkuko itorero ryari ryari biteshinzwe. Ibi bihe bitandukanye bya Pentekote byatangije amatorero mu cyinyejana cyambere mu mateka yitorero.

Ibitekerezo nabasangije kubyerekeye ubutumwa Pawulo yabwirije Atenayi bugomba kufa bufitanye isano nubutumwa Pawulo ubwe yasangije abizera b'i Korinto. Yabandikiye agira ati igihe yajyaga i Korinto, ntaje ndi uuhanga n'intyoza yo kuvuga, n'ibyo navugaga nkababwiriza ntibyari amagambo y'ubwenge yo kwemeza abantu, ahubwo byari ibigaragaza Umwuka n'Imbaraga. (1 Abakorinto 2:1-5) Igihe Pawulo yabwiriza bwa butumwa kumusozi w' i Marisi yakoresheje "amagambo y'ubutyoza yubwenge buhebuje k'i muntu". Yagiye akoresha amagambo yabafilezofe babagiriki bitumwa abwiriza ubutumwa burimo ubuhanga.

Ijambo "Kubwiriza" mu kigiriki bisobanuye " gutanga Itangazo", bigereranywa nukuntu iteka ry'Umwami ritangarizwa abayoborwa be mu byaro no mu mijyi yo mu bwami bwe. Iyo wize ubutumwa bwa Pawulo mu bice bitandatu bikurikira muri iki gitabo cyamateka gihumekewe. Witegereze isesengura rya Pawulo kubyerekeye n'itandukaniro

mubyumwuka hagati ya Atenayi na Korinto, ibyo byamufashije mu buryo bwo ubwiriza Ubutumwa.

Sinshidikanya yuko Pawulo yaba ataragizeho imbogamizi mu murimo yakoze hagati y'I Korinro na Atenayi, ku buryo izo mbogamizi zaragize uruhare muburyo abwiriza Ubutumwa. Pawulo yamenye muburyo neza ko kubwiriza ari umurimo wo mu mwuka, icyo we yari akeneye gukora kwari ukwamamaza ibimenyetso bifatika bya Yesu Kristo mu butumwa bwiza. Asoza urwandiko rwe yandikiye Abakorinto yakoresheje aya magambo n'ibyerekeye kubutumwa yabwirizaga igihe yari mu mujyi wabo (15:1-4). Yandikiye abaroma ati: "Erega ubutumwa bwiza ntibukoza isonu: kuko ari Imbaraga y'Imana ihesha uwizera wese gukixwa." (Abaroma 1:16)

Nyuma ya Atenayi na Korinto, muburyo bworoheje Pawulo yatangazaga inkuru yubutumwa Bwiza kandi akazajya acishamo akavuga ku bihe ubwe yagize igihe yizeraga ubwo butumwa.

Pawulo Muri Efeso

Umurimo ukomeye wa Pawulo muri Efeso wuzuzasaga icyifuzo cye kugeza Ubutumwa bwiza muri Aziya. Muri Efeso, Pawulo yinjiye mu murimo urumbutse wo gutangiza amatorero. Impuguke zemera ko iri torero ryatangijwe muri Efeso ryari Umubyeyi wayandi matorero atandatu yarivukiyemo, ariyo tumenyeshwa mu gitabo cy'Ibyahishuwe. Amatorero yari i Tuwatira, Simuruna, Filadelifiya, Lawodikiya, n'i Sarudi yose yari amashami y'itorero rya Efeso.Urwandiko Pawulo yandikiye Abakolosayi rushobora kuba rwarandikiwe itorero ryavukanaga niri ryo muri Efeso.

Imwe mu mpamvu Itorero ryo muri Efeso ryagize uburumbuke nuko Pawulo yahashinze i "Semineri". Dusoma ko Pawulo yigishirizaga mu "mu ishuri ryari mu byumba by'inzu yo kwigishirizamo ya Turano kumara imyaka Ibiri." (Ibyakozwe 19:10) Imwe mu nzandiko za Kera zitubwira ko Pawulo yashoboye gutira no kuzajya yigisha muri iryo shuri kuva saa 11 zamugitondo kugeza 5 zumugoroba iminsi yose iryo shuri ryabaga ridakoreshwa. Muri icyo gice cy'Isi umubyizi wumunsi wagiraga uturuhuko twa hato na hato igihe habagaho ubushyuhe cyangwa ubukonje bukabije kuburyo abanyeshuri batakomezaga kwiga.

Muri iri shuri, Pawulo ashobora kuba yarigishirijemo abashumba baya matorero yudushami. Iyi "Semineri" ishobora

gusobanura impamvu Pawulo yagumye muri Efeso amara imyaka irenze itatu yari ikaba myinshi kuruta iyo yamaraga muyindi mijyi yagiye atangizamo amatorero. Iri Torero rya Efeso ryigishijwe cyane nuyu Mushumba ndetse numwigisha, mu gice cyambere cyurwandiko rwe rwiza yabandikiye, iteka yabakanguriraga "kwibuka" ibyo yari yarabigishije.

Muri iki gitabo cyamateka, kimwe mu bice by'inkoramutima ndetse birimo byinshi byo kwigirwamo ibya Pawulo numurimo bisangwa mu gice cya makumyabiri. Yari mu nzira ajya I Yerusalemu, aho Umwuka yamumenyeshaga ko azafungwa, akobohwa ndetse akanakubitwa (Ibyakozwe 20:22-24). Igihe yageze ahantu hitwa I Mileto, hari bugufi n'I Efeso, amenya ko atazongera ukundi kuba hafi yaba bizera yari yarashoyemo byinshi mu murimo we. Nuko atumaho abakuru bitirero, aho kunkombe y' i Mileto, abaha impanuro yo kubasezera. Amagambo ya nyuma ya Pawulo kuri aba bakuru bitorero yagiraga ati: "*Kandi none mbaragije Imana n'Ijambo ry'ubuntu bwayo, ribasha kububaka no kubahana ibiragwa n'abejejwe bose. Sinifuje ikintu cy'umuntu wese, ari ifeza cyangwa izahabu cyangwa imyenda. Ubwanyu muzi yuko aya maboko yanjye ari yo yankenuraga ibyo nkennye, n'abo twari turi kumwe. Nababereye icyitegererezo muri byose yuko ari o namwe mukwiriye gukora imirimo ngo mubone uko mufasha abadakomeye, no kwibuka amagambo Umwami Yesu yavuze ati ' Gutanga guhesha umugisha kuruta guhabwa'."* (32-35)

Kuko Pawulo yari yifashije muri Efeso, nta muntu numwe washoboraga kumushinja ko Kubwiriza no kwigisha kwe byari ukubashakaho impano. Uretse ibyo, Pawulo ntiyitungaga gusa ahubwo yanatungaga itsinda rye ryose bakoranaga ubu misiyoneri kuberako yashakaga ko bamenya ukuri kwamagambo ya Yesu: "Gutanga guhesha umugisha kuruta guhabwa." Aya magambo ya Yesu agomba kutwereka impamvu tugomba gukora cyane. Nidukora cyane tukaronka amafaranga, tuzagira icyo dutanga ndetse dusobanukirwe ibyereke " uyu mugisha wa cyenda wabahiriwe" yesu yigishije.

Igihe Pawulo yabwiye aba bakuru ko batazongera kubana mu maso he ukundi. "Bose bararira cyane, Pawulo bamugwa mu ijosi baramusoma." (37) Icyo nigikorwa cyimitse cy'ubusabane nimibanire ya gikristo cyangwa se ni ikintu kigaragaza ubusabane bwa hafi bwari buriho mu itorero ry'ikinyejana cya mbere.

Igice Cya Munani

“Imiterre Y’Imikorere Ya Pawulo”

Mu gice cya makumyabiri na rimwe, dusoma yuko Pawulo yageze i Yerusalemu ndetse atangira kubwiriza. Kubwo kubwiriza kwe,aterwa nitisnda rinini ryabanrtu (27). Bari bari kumukubitira kumwica igihe umusirikare wumuroma yinjiraga muri urwo ruvunge rwabantu akamutabara. Igihe abasirikare bari bikoreye Pawulo kumitwe yabo bamujyanye mu rugo rwigihome aho yari bubere imbohe y’ I Roma, Pawulo yinginga Umugaba w’ingabo ko bamushira hasi bakamureka akabwiriza, kuko yabonaga ibi nk’amahirwe akomeye yo kubwiriza ubutumwa. Abwiriza ubutumwa bwigitangaza, bwabditwe u gice gikurikira.

Ubu ntabwo bwari ubutmwa buteye nkubwo kumusozi wa Marisi. Pawulo ntibasubiriyemo amagambo yabasizi n’Abafilozofi cyangwa se ngo akoreshe amagambo yubutyoza yubwenge bwa muntu. Yahamije ubuhamya bwibihe bye kubyerekeye Yesu Kristo. Abantu babitega amatwi kimwe. Dusoma duti: “ Baramwumviriza kugeza kuri iryo jambo, maze bavuga ijwi rirenga bati ‘Kura icyo kigabo mu isi, ntigikwiriye kubaho.” (22:22) Igihe umujinya wabo bantu wari wongeye gukongezwa, Pawulo ajyanwa mu rugo rwigihome.

Igihe Abaroma bafatiraga umuntu kumufunga, bwari umuco usanzwe kubohera uwo muntu ku giti bakamukubita. Babyitaga “ Gutatishwa umunyafu wumubabaro.” Nuko ubwo bari bagiye kumutata, amenyesha abasirikare ko ari Umuturage w’Umuroma. Igihe bamenye ibi abasirikare babwira umugaba w’ingabo zabo kutamukubita (29). Sinjya ndekeraho gutangazwa no kwibaza impamvu Pawulo atavugiye uburenganzira bwe nkumuroma igihe we na Sila bafatwaga bagakubitwa i Filipi. Ahari yemeye gukubitwa kugirango abone urwitwazo yakoresheje kumucamanza wo muri uwo mujyi.

Agihe Abaroma bahisemo ko batamukubita, bamushyize mu gihome. Umunsi wakurikiye, bahitamo kumuburanisha imbere y’umutambyi mukuri n’inteko y’Abayuda. Abanyadini bari mu rwa ruvunge rw’abantu rwaregaga Pawulo, babatumira kutanga ibirego byabo murukiko.

Mu gice cya makumyabiri na Gatatu hagaragazwa itangira ry’uruhererekane rw’imanza ndende zagejeje Pawulo imbere ya Kayizari. Yitegereje muri icyo cyumba cy’iburanishwa

asanga hafi igice cyabo ari Abafarisayo nikindi gice ari Abasadukayo. Abafarisayo bari Abayahudi ba gakondo naho Abasadukayo bari Abayahudi badashingiye cyane kubya gakondo. Abasadukayo ntibemeraga ibyo kuzuka ndetse niby' imbaraga ndengakamere. Nuko agendeye kuri ibyo bice yitegereje, avuga ijambo ryaciye urukiko mu bice. Avuga cyane mu rukiko ati " Bagabo bene Data, ndi Umufarisayo,ndi umwana w'Abafarisayo. Ibyanzanye muri izi manza ni byo niringira kuzabona, ari byo kuzuka kwa'abapfuye." (Ibyakozwe 23:6)

Igihe Pawulo yavuze ivyo kuzuka kwa'abapfuye mu buhanga, havuka intonganya hagati y'Abafarisayo n'Abasadukayo, bitera Abafarisayo kujya kuruhande rwa Pawulo. Pawulo yari azi ko yazanywe murukiko rubogamye ndetse rwo kumushinyagurira. Nuko ahitamo kuruteza intonganya nkuko yabigenjeje mu mujyi w'I Filipi. Nanone, abasirikare bongeye kumukiza no kumusubiza mugihome kubw'umutekano we.

Mirongo ine bo muri aba bayuda baraterana, barahira bahiga yuko batazarya ntibanywe batarica Pawulo. Umugambi wabo wari ugucira igico Pawulo bakamwica igihe yari kuzanwa kubazwa ibindi bibazo (12). Ariko Umwishywa wa Pawulo yumva uwo mugambi wabayuda, nuko asanga Pawulo mu gihome abwira Pawulo ibyerekeye abwo bugambanyi. Nuko uwo muhungu abwira umutware w'ingabo icyo abo Bayuda mirongo ine bagambiriye gukora.

Umugaba w'Ingabo ahitamo kwikuraho Pawulo. Ntiyir'azi icyo yakoze ndetse ntiyar'asobanukiwe ikibazo Abayuda bari bafitanye na Pawulo, ariko yar'azi ko Pawulo atazumutera ikindi cyeretse amakuba. Nuko ahamagara abatwara imitwe babiri arababwira ati "Mwitegure abasirikare Magana abiri bo kujya o Kayisariya, n'abagendera ku marashi mirongo irindwi, n'abafite amacumu Magana abiri, begende nijoro isaha eshatu. Kandi bashake inyamaswa ziheka kugira ngo bazitwarireho Pawulo, bamushyikirize Feliki umutegeka mukuru, ari muzima" (23,24)

Isi iyi shusho ntitangaje? Munsi yigicu cy'umwijima, Umuyuda muto udasanzwe, akikijwe nabasirikare Magana ane namirongo irindwi, bamucikisha urugo rw'igihome, ndetse bakanamuherekeza ku nkombe yinyanja ya Mediteraniya uturutse i Yerusalemu ukageza i Kayisariya muri Palesitini.

Imbere yabategeka bakuru babiri

Igihe Pawulo yageze i Kayisariya, yashyikirijwe umutegeka mukuru, Feliki. Feliki atumaho abayuda kuza gurega Pawulo ibyaha bye muburyo bwemewe namategeko. Aha nanone tubona ubutumwa mukomeye bwatanzwe na Pawulo. Muri ako kanya, igihe Pawulo abwiriza imbere y'umutegeka mukuru nurukiko rwe, ababwira " Inkuru y'Imana", cyangwa se ababwira ubuhamya bwe nanone.

Bamaze kumva ijambo rya Pawulo, Felika ahitamo kubirazika kuko nta mpamvu yatumaga Pawulo afatwa nkumunyabyaha. Ariko, yanzurira kugumisha Pawulo mu gihome kugeza igihe azahitamo uburyo bwo kugenza iyi mbohe ye idasanzwe (Ibyakozwe 24: 22,23).

Umutware utegeka Feliki n'umugore we Lusiya, wari Umuyuda batangazwa na Pawulo bamutumuri ku mwumva mu mwiherero. Dusoma yuko Pawulo yishimiye cyane kugenza atyo, ariko ubutumwa bwe buteye ubwoba. Pawulo, " Akivuga ibyo gukiranuka n'ibyo kwirinda n'iby'amateka azacibwa, Feliki aratinya cyane aramusubiza ati "None genda, nimonauburyo nzagutumira." (24,25)

Ibigaragara nuko umutegeka mukuru yemejwe n'Umwuka Wera igihe yumvise Pawulo abwiriza, yaba muruhame no mu mwiherero. Yahoraga amutumira ngo baganire, ariko tubwirwa ko impamvu ze zari uguhongerwa impiya na Pawulo kugirango amurekure. Dusoma ko yasize Pawulo mu gihome kuko kugirango anezeze Abayuda.

Imyaka ibiri ishize, Feliki yarapfuye, undi mutegeka mukuru witwaga Fesito aramusimbura. Igihe Fesito yamenye yuko afite imbohe y'Idini na Politiki izwi, atumaho irundi buranishwa. Pawulo amenyako atazigera arenganurwa mu nkiko zifitweho ijambo nabayuda bo muri Yerusakemu. Nuko igihe yaburanishwaga, Pawulo asaba kuburanishwa imbere ya Kayisari, ibyo byari uburenganzira bwe nkumuturage w'Umuroma (Ibakozwe 25:10). Fesito aravuga ati ' Ujuririye kuri Kayisari, nuko rero urajyeyo." (12)

Imbere y'Umwami Agiripa

Igihe Pawulo yar'ategereje kujwanwa I Roma, Umutegeka mukuru Fesito aramutswa n'Umwami Agiripa hamwe n'Umwami kazi Berenike. Bamaze kumva ibya Pawulo, babwira Fesito ku bifuza kubonana nawe (22). Wibuke ko igihe Umwami yabwiraga Ananiya kubyerekeye umugambi we kuri Pawulo, yaravuze ati, " Genda kuko uwo muntu ari igikoreshwa nitoranirije, ngo yogeze izina ryanjye imbere

y’abanyamahanga n’Abami n’Abisirayeli.” (Ibyakozwe 9:15) Ubwo buhanuzi bwasihiye igihe Pawulo yahuraga n’Umwami Agiripa.

Ajyanwe imbere ya Agiripa na Berenike, Pawulo atanga ubundi butumwa butanganje. Nanone kandi, avuga inkuru yuburyo yahinduwe mu nzira ijya i Damasiko. Igihe Pawulo yar’agiye gusoza ubutumwa bwe, umutegeka mukuru avuga ijwi rirenga ati “Urasaze Pawulo! Ubwenge bwawe bwinshi buragushajije!” (Ibyakozwe 26:24)

Iri Jambo “Urasaze” mukigiriki risobanura, “ Ntabwo usanzwe.” Cyangwa “ wataye umurongo” . Mubigaragara, Pawulo ntabwo yar’asanzwe. Yar’afite undi murongo ubuzima bwe bwagenderagaho. Uwo murongo wari Kristo wazutse, uwo yahuye nawe munzira ijya I Damasiko. Amagambo ya Pawulo agira ingaruka k’umutware utegeka Fesito nkuko byegendekye Feliki.

Nuko Pawulo ahindukirira Umwami. Umwami Agiripia n’Umuyuda, nuko Pawulo arabaza, “Mbese Mwami Agiripa, wemeye ibyahabuwe? Nzi yuko ubyemeye.” (27) Agiripa asubiza Pawulo ati “ Ubuze hato ukanyemeza kuba Umukristo!”

Impuguke za Bibiliya ntibemeranya kubusobanuro bw’ibi byanditswe. Bamwe bavuga ko Agiripa atarabikuye kumutima igihe yavugaga ibyo guhinduka Umukristo, ahubwo yabivuze nkushaka gushinyagura. Njye sinemeranya nabo. Nemera ko Agiripa yar’akomeje ibyo yavuze, kuko ibyo Pawulo yamusubije ibyo akomeje ndetse bimuvuye kumutima. Pawulo aramubwira ati. “ Ndasaba Imana kugira ngo haba hato haba hanini. Uretse wowe wenyine ahubwo n’abanyumva uyu munsi bose bemere nkanjye, keretse iyi minyururu.”(29)

Indi mpamvu nemera yuko Agiripa yar’akomeje ibyo yavuze iri mu gisubizo dusoma uko Umwami, Umwamikazi, n’umutegeka mukuru batanze Pawulo amaze kuvuga: “Umwami ahagurukana n’umutegeka mukuru na Berenike n’abo bari bicaranye, basohotse baravugana bati “ Nta cyo uyu muntu yakoze gikwiriye kumwicisha cyangwa kumubohesha.” Agiripa abwira Fesito ati “Uyu muntu aba arekuwe, iyaba atarajuririye kuri Kayisari.” (30-32)

Urugendo rwa Pawulo rw’i Roma

Imwe mu nkuru zishamaje mur’iki gitabo cyamateka gihumekewe ni imbarirano ya Luka ku rugendo rwa Pawulo mu Nyanja ajya i Roma (Ibyakozwe 27). Pawulo agaragaza

ubuyobozi budasanzwe ndetse aba umuhamya witangaza kubarokoranywe nawe mur'uru rugdengo. Yakiriye ijambo kuva k'Umwami yuko bitewe nikerere cyari giteye akaga, ubwato ntibwagombaga guhaguruka no buve i Kirete. Ariko Umutware utwara umutwe ntiyari yiteguye kumvira inama y'imbohe. Nuko umuyaga Pawulo yari yabuburiye uteye, hashize iminsi cumi nine baterwa na ruhuhuma y'umuyaga mwinshi, ibyo bituma biheba kandi ntibashobora kugira icyo barya, Pawulo abwiriza babantu barokotse buzuye ubwoba (20-26). Pawulo ahumuriza abantu bose bari mu bwato yuko Imana yamubonekeye imwizeza ko abantu bari burokoke nubwo ubwato bwose buri buze kwangirika.

Iri jambo ry'ubuhanuzi Pawulo yakiriye kuva k'Umwami ryasohoye neza igihe buri muntu warokokeye mu bwato yageze i Melita. Bacana umuriro wo kwishyushya kuberako imibiri yabo yari itose kandi ikonje. Incira iva muriro imuruma ku kiganza. Bene igihugu babonye icyo gikururuka kirereta ku gikonjo cye baravugana bati "Ni ukuri uyu muntu ni umwicanyi. Nturora n'ubwo yakize mu Nyanja, idaca urwa kibera ntimukundira kubaho!" Ariko Pawulo akunkumurira icyo gikururuka mu muriro, ntiyagira icyo aba, babona ntacyo abaye barahindura bati "Ni imana."

Igihe urugendo rujy'i Roma rwasorejwe mubundi bwato, Luka yerekana ishusho nziza ya bene Data bo mu mwuka, iryo n'Itorero rya Kristo wazutse, Kristo muzima i Roma. Biranejeje gusoma uburyo abizera bo muri Roma baje kumenya igihe Pawulo, yari buhagerere. Biranejeje kandi kureba uburyo Pawulo yashimye Imana, ashyitsa agatima mu nda bitewe nuko abizera baje bamusanganira ageze I Roma.

Igihe umutware utwara umutwe yashyikirije imbohe umutware w'abasirikare barinda Kayisari, Pawulo bamukundiye kuba ukwe ari kumwe numusirikare umurinda kumara imyaka ibiri. Yemerwa gutumiza abayobozi b'Ababayuda aho yar'atuye, nkuko byari bisanzwe mu mikorere ye, yabanjirije kubwiriza no kubwiriza Abayuda ko Yesu ari Kristo kuri bo. Bamwe barizera, ariko abenshi ntibamwemera.

Muri iri cumbi ryishyurwa, Pawulo yandikiramo ibizwi nk'Inzandiko – Abagalatiya, Abefeso, Abafilipi na Filemoni-yemererwa kwakira abashyitsi, Luka kandi aduha agace ka nyuma atubwira ko Intumwa ye mukundwa yabwirizaga iby'ubwami bw'Imana, akigisha iby'Umwami Yesu Kristo buri wese wamusuraga ndetse na buri wese wamwumvaga, (28:30,31)

Uretse ibyo twamenye kuva mu rwandiko rwe rwanyuma yandikiye Timoteyo, tugomba kugendera ku mateka y'Itorero kugira ngo dusoze inkuru yubuzima numurimo wa Pawulo. Impuguke zemezwa ko Pawulo yaburaniye imbere ya Kayisari, ararekurwa, ndetse afashwa n'Itorero ry'I Roma kwagura umurimo we ukomeye muri Espaniya.

Igihe Nero yatwikaga Roma maze akabigereka ku bakristo, ukubabazwa kw'Itorero gukomeye kwaratangiye kumara ibinyejana bitatu. Abizera bose banzwe urunuka ndetse bahinduka abanzi bashaririye b'Ubutegetsi n'abantu b' I Roma. Petero na Pawulo babaye abanzwe kuruta abandi bose. Pawulo yarongeye arafungwa. Impuguke zizera ko yafungiwe mu buroko bukomeye ndetse buteye ubwoba bw'i Roma, aho niho yandikiye Timoteyo amagambo ye yanyuma mbere yuko bamuca igihanga.

Ese waba uri kumenya iyi ntumwa ikomeye ndetse itangaje? Niwe mwanditsi wibitabo cumi na bitatu tuzarebera hamwe mw'isezerano rishya. Twese dukeneye Intwari nabantu b'icyitegererezo bo kwizera twa kwigana. Isengesho ryanjye nuko wakunda Pawulo nkuko najye namukunze kuva igihe nasomye ibice by'igitabo cy'Ibyakozwe n'intumwa, igitabo tumaze kurebera hamwe. Guca mu bice bya nyuma byiki gitabo cy'amateka, tubona ko hari ikntu gikomeye cyari kiri kuremwa, cyageze ku ndunduro ubwo Pawulo yageraga mu bwami bw'Abaroma nigihe yagombaga kuburanira imbere ya Kayisari. Ntibineje kubona iki gitabo gihagarara ariko ntigisozwe. Impuguke zizera akarengane kaba ariyo mpamvu iki gitabo gihagarara muburyo butunguranye. Niwitegereza, ijambo "twe" ryakoreshejww mu bice bibiri bya nyuma nibigararagaza ko Luka yar'ari kumwe na Pawulo mur'urwo rugendo ruhambaye binjira i Roma. Birashoboka Luka yaba yarafunzwe bituma adashobora kurangiza amateka meza y'itorero ry'ikinyejana cya mbere.

Nkuko nabibonye mu itangira ry'aka gatabo, bisa nkaho mu mikorere y'Ubumana, aya mateka y'Itorero ntabwo arangira. Ibi ni kubera ko; uhereye ku munsi wa Pentekote igihe itorero rya Kristo wazutse ryavutse, abubu turi, ndetse twabayeho twandika igice cya makumyabiri n'icyenda cy'Ibyakozwe n'Intumwa.

Imbonerahamwe Isesenguye Urwandiko Pawulo Yandikiye Abaroma

Igice cya Mbere

"Imboni Yo Hejuru Nkiy'Inyoni Ku Rwandiko Pawulo Yandikiye Abaroma"

Intumwa Pawulo yanditse ibitabo cumin na bitatu bigize ibitabo makumyabiri na birindwi by'Isezerano rishya. Icyambere mur'ibi n'urwandiko yandikiye Abaroma. Ntabwo Pawulo yanditse inzandiko ze zikurikinye nkuko tubibona mw'Isezerano rishya. Impuguke zizera ko uru rwandiko rwanditswe mu minsi ya nyuma yumurimo we, icyo gihe yari amaze gukura ashyitse ndetse yari amazi kwagura birambuye inyigisho zubutumwa yagiye abwiriza mw'Isi yose, abidusangiza mur'urwu rwandiko mu buryo bwimitse.

Byansabye kwandika udutabo tundi tune mu rwego rwo kugeza ibyo twize mu nyandiko ku batwumva kuri gahunda mirongo irindwi za radiyo, aho nigisha urwandiko Pawulo yandikiye Abaroma, umurongo ku murongo. Mu busesenguzi buhinnye k'Ubaroma, ndimo ndagaragaza zimwe muri note kurao bumvise imbonerahamwe y'incamake kur'uru rwandiko rwa Pawulo ruhumekewe. Aka gatabo nincamake yibyo Pawulo yigishije muburyo burambuye busobanura ubutumwa yamamazaga.

Urwandiko rwa Pawulo ku baroma ni inyigisho ye izisumbye. Ibiri mur'uru rwandiko bifitanye isano nke nibyaberaga mw' Itorero ry'i Roma. Impuguke zizera ko Pawulo yandikiye abizera b'IRoma ibi bisobanuro by'ubutumwa byimitse, kubera ko uwo Mujyi niwo war'umurwa w'Isi igihe yandikaga uru rwandiko.

Uru rwandiko rw'Abaroma n'umwandiko usobanura ijambo rya Bibiliya "Gutsindishirizwa". Mu mugani wa Yesu w'Umufarisayo n'umukoresha w'ikoro, atangaza inkuru nziza ko umuntu wese usenga isengesho ry'umunyabyaha – Isengesho ryo kwihana no kwizera mu mbaraga zikiza zibonekera mu rupfu, ugushyingurwa no kuzuka kwa Yesu Kristo aziz' ibyaha byacu – umuntu wese usengeye mur'iri sengesho niwe utaha mu rugo rwe " Atsindishiriwe" (Luka 18:14). Aha nibwo bwambere duhura niri jambo ryiza mu isezerano rishya. Muri uru rwandiko rw'Abaroma, Pawulo asubonura uburyo Imana ikora uwo murimo uhambaye w'igitangaza muri uwo mugabo cyangwa mugore watsindishirijwe. Uru rwandiko nirwo rusobanura Ugutsindishirizwa mu buryo busesuye kurusha ibindi bitabo byo muri Bibiliya.

Ubusobanuro bwo gutsindishirizwa burenze kubabarirwa gusa, bisobanura ko Imana intanganza nkaho ntigeze nkora icyaha na rimwe, hamwe nibyo ikantangaza kuba umukiranutsi. Dawidi yerekana iki gitekerezo muri zaburi ye yimitse, zaburi yo kwatura no kwihana igihe yasabaga Imana “kumukuraho icyaha cye” (Zaburi 51:1).

Usome igitabo cy’Abaroma murburyo ugambirira kumenya ubusoburo bw’igitekerezo n’impamvu zigaragazwa mur’iki gitabo. Ndagusaba kugenz’utyo kuk’uru rwandiko rufite igitekerezo kidahinduka uhereye mw’itangira kugeza mw’isoza ryarwo. Usabe ubufasha bw’umwuka wera, ndetse wiherere nta kirogoya ugambirira kumenya igitekerezo namagambo ahumekeye yubutumwa bwa Yesu kristo yahawe abigishwa be kuyabwriza buri kiremw cyose,, mu mahanga y’Isi (Mariko 16:15).

Ibice bine bibanza by’uru rwandiko byerekanwa uko ugutsindishirizwa kugenza umunyabyaha. Ntituzigera dushishikarira kwitwa abakiranutsi kugez’igihe twemekwe rwose ko turi abanyabyaha badakiranutse. Pawulo yerekana igitekerezo cyemeza ko twese turi abanyabyaha. Nyuma yo kutwemeza twese ko turi abanyabyaha, Pawulo yamamaza inkuru nziza yerekana ko Imana ifite umugambi twatsindishirizwamo.

Umugambi w’Imana Wo Gutsindishiriza

Nk’uko Pawulo agira, Ubuntu nibwo soko yo gutsindishirizwa kwacu (3:24). Umusaraba wa Yesu Kristo niwo shingiro ryo gutsindishirizwa kwacu, naho umuzuko wa Yesu niwo wemeza bidashidikanwa ko dutsindishirijwe (3:25; 4:24,25). Pawulo asoza iki gice cyerekana iki gitekerezo naya magambo: “Nuko rero ubwo twatsindishirijwe no kwizera, dufite amahoro ku Mana ku bw’Umwami wacu Yesu Kristo.” (5:1) Nuko rero, kwizira niko ubwacu dukoresha mugukirisha ibyaha byacu iki gitangaza bigatuma Imana itwita abakiranutsi. Nanone mur’iki gitekerezo, Pawulo araza kutubwira ko Imana ariyo banze ryo gutsindishirizwa kwacu (8:3)

Nitegereje ko hari ubucucike bwamagambo menshi agera ku nshuro ijana na mirongo itanu muri Bibliya, yose akaragara iyo havugwa igitekerezo cyo gutsindishirizwa. Ayo magambo ari “mu maso ye”. Ugutsindishirizwa kugaragara mu buryo bubiri –mu maso y’Imana, no mu maso y’abantu. Niba twarakoze icyaha cyo kwica, dushobora kwitwa abakiranutsi mu maso y’Imana mu kwizera, igihe twatuye ndetse twihannye, ariko

ibyo ntibituma turekurwa mu gihome kubera ko tutatsindishirijwe mu maso ya rubanda, cyangwa se imbere yabantu.

Igihe hariho ukuburanishwa imbere y'Umucamanza ntakanama ko nkemurampaka gahari, abantu bose bakurikiranye urwo rubanza bashobora kwibwira ko uburanishwa ari umuntu mwiza, nyamara niba Umucamanza atekereza ko uburanishwa ahamwa nicyaha, uwo ahita ajyanwa mu gihome cyangwa se agatakaza ubuzima bwe. Abantu bashobora kwibwira ko uburana ari umuntu mubi cyane, ariko igihe Umucamanza yizera ko uwo muntu arengana, uburana ararekurwa. Nimur'ubwo buryo, umunsi umwe tuzamenya ko ikingenzi n'icyo Umucamanza w'Isi yose yibwira kubyerekeye uguhamwa cyangwa se ukurengana kwacu. Niyo mpamvu ar'inkuru nziza kumenyeshwa ko dushobora kumera nkaho tutigeze ducumura mu maso yuwo mucamanza- "amaso ye."

Ibice bine bikurikira byerekana uburyo ugutsindishirizwa kugenza ku muntu ,mu byukuri, watsindishirijwe no kwizera. Imana idutekerezaho kugenza neza, kuba beza, no gukora neza igihe ivuze ko turi abakiranutsi (1 Yohana 3:7). Ibice bine by'igice cya kabiri cy'uru rwandiko (5-8), Pawulo yerekana intambara umuntu abonera m'Umwaka wera – imbaraga ziduhesha kubaho ubuzima bukiranutse, igihe uwo umuntu yiswe umukiranutsi.

Mu bice bitatu bikurikira (9-11), Pawulo yerekana uko gutsindishirizwa kugenza ku Isi yose, cyane cyane kuri Isirayeli. Ibi nibyo bice bitatu by'ingenzi cyane bivuga kubuhanuzi bwa Bibliya. Mur'ibi bice, Pawulo ahanura ko Isirayeli izagira uruhare mu bigiye kuba mw'Isi.

Dukurikije ibya Pawulo, ubwoko bwa Isirayeli n'ubwoko bwatoranijwe n'Imana. Nibo rugero rukomeye mubyanditswe rwerekana Inyigisho yo gutaranya – inyigisho zuko Imana itoraniriza abantu agakiza. Nanone, mur'byo bice kandi, Pawulo yandika ko Abayuda kandi ari urugero rwo muri Bibiliya rukomeye rwerekana ko Imana yaremy' umuntu kuba ikiremwa gikora amahitamo. Ibyo Pawulo abigaragaza ubwo yavugaga ko Abayuda bahisemo kudatoranywa. Bahisemo kwanga Yesu Kerito ndetse nagakiza.

Pawulo yandika ko, mu rwego rwo gucyaha Abayuda kubwo kudahitamo Mesiya, Imana yahindukiriye Isi yabatari Abayuda uhereye igihe Abayuda banze guhitamo Yesu Kristo. Igihe Imana izamara gukiza abanyamahanga bahagije ugucyahwa

kwa Isirayeli kubera banze kuyihitamo, Imana izahindukirira Abayuda ukundi ndetse “Isirayeli yose izakizwa.” (Abaroma 11:26)

Twabonye ugusohora kubuhanuzi bw’Isezerano rya kera ko hari ugutahuka kw’Abayuda bava aho bari baratataniye mu mahanga, bagarukira kongera kuba igihugu cya Isirayeli. Pawulo afatanya nabahanuzi b’isezerano rya kera ubwo yahanuraga ukugaruka kwo mu mmwuka kw’Abayuda bagarukira Imana. Mu bigaragaea uku kugaruka ko mu mwuka ntabwo kurasohora. Muribi bice bitatu, Pawulo yerekana ko igihe Abayuda bazagira uko kugarukira Imana kwo mu mwuka, Imana iciye mub’Isirayeli izagaragariza Isi yose umugambi wayo wo gutsindishirizwa.

Ibice bine bya Nyuma (12-16) nibice byerekana ibifatika ngenderwaho byo gushira mu ngiro bigize uru rwandiko. Buri rwandiko rwa Pawulo rwigabanyamo ibice bibiri. Icyambere, ni igice cy’Inyigisho, nyuma yacyo hakaba igice cy’ibyo gushira mu ngiro.

Nubwo ibice cumi na kimwe bibanza byuru rwandiko ari amagambo akomeye kurut’ ayandi Pawulo yasigiye itorero, naho ibindi bice bitatu bikurikira ni bimwe mu bice bigizwe namagambo ndetse nubuhanuzi bikomeye gusobanukirwa, ibice bine bisoza bigizwe nukuri twasanga mur’izi zandiko zihumekeye kubutubwa dushira mu ngiro.

Igice cya Kabiri

“Uko byahoze – Nuko biri”

Igice cya mbere cy’urwandiko rwa Pawulo k’Ubaroma kimeze nk’igice cyambere cy’igitabo cy’Itangiriro. Ibyanditswe bivuga intangiriro ntwao bitubwira uko ikintu cyari giteye, ahubwo bitubwira ikintu muburyo Imana ishaka ko tumeny’ uko giteye uyu munsi. Ubwo Pawulo yerekana igitekerezo cyo gutsindishirizwa kumunyabyaha, amaze kumvikanisha ko twese tur’abanyabyaha, icyakurikiye nukwerekana ko twese turi munsi yurubanza rw’Imana.

Nyuma yibyo Pawul yerekana isano iri hagati y’Imana numuntu “ Uko yahoze nuko iri” uyumunsi. Imana idushinja kwemera cyangwa kwirengagiza ukuri mugukiranirwa (Abaroma 1:18). Aha agaragaza ko abanyabyaha kubushake bwabo bahitamo kwirengagiza ukuri kubera ko baba bashaka kwihagaraho mu mibereho yabo ikiranirwa. Ntibaba bashaka kureba Ukuri kubyereka uburyo bagomba kubaho ubuzima

bwabo mubyo Imana ishaka kubahishurira. Yesu yigisha ihame avuga ko umuntu nashaka gukora, azamenya (Yohana 7:17). Imbusane yibi nukuri. Niba umuntu uwari wese adashaka gukora, ntabwo azamenya icyo Imana ashaka ko amenya.

Imana idushinja nibindi: Ni indashima, bahora bahindura ukuri ibinyoma, baramya ndetse bagakorera icyaremwe kurusha uwakiremye; bahindura ibikorwa bya kamere kuba ibizira kamere (ubutinganyi); nta nubwo bakunda ukugumana Imana mu bumenyi bwabo, ntibinezeresha gucumura gusa, ahubwo banezezwa no kubona abandi bacumura.

Nuko Pawulo yerekana kimwe mubyo Imana isubirisha umuntu. Pawulo yandika inshuro eshatu ati "Imana yarabaretse," cyangwa se "Imana yarabatanze" (24,26,28). Ntibisobanuye ko Imana yaretse umuntu icyo gihe, cyangwa se Imana ijya ireka abantu uyu munsi. Imana yarabaretse, kandi ijya iturekera uyu munsi gukora ibyo dushaka. Imana ntijya irenga ku kuri yuko yaduhanze kuba ibiremwa bikora amahitamo.

Tekereza ubuzima bwacu nk'igitabo. N'igitekerezo cy'Imana kwandika iki gitabo ndetse ifite umugambi wuburyo iki gitabo kigomba kwandikwa. Ariko, hagati aho ikaduhereza ikaramu ikatubwira iti, "Akira, usoze iyi nkuru mububuryo bwose ushaka. Uzirengera ingaruka zabyo, ariko ushobora kwandika iyo nkuru muburyo bwawe nib'ibyo aribyo ushaka gukora."

Imiterere Y'Umuntu – Uko Yahoze- Nuko Iri

Pawulo yerekana ishusho ibabaje yerekana ukuntu abahitamo gusoza inkuru muburyo bwabo bamera. Yandika ko igihe Imana ibaretse, bagira imitima yakahebwe, ndetse imitima yabo yubupfapfa yuzura umwijima. Mu ncamake akoresha amagambo abiri gusobanura ubuzima bwabo: "Ibyo gukiranirwa byose." Uko yerekana ugukiranirwa kwabo kose, aduhereza ishusho ifatika y'Imiterere ya muntu, uko yahoze ndetsenuko iri uyu munsi (29-32). Iyi rutonde, rurerure rw'ibyaha rwerekana ibyo Yesaya yasobanuraga igihe yandikaga avuga ko twese twayobye nk'intama zizimiye, twese twabaye intatane (Yesaya 53:6).

Imiterere y'Imana – Uko Yahoze – Nuko Iri

Pawulo atangira iki gitekerezo kiza cy'uru rwandiko anadusangiza aya magambo nyungurabwenge yerekeranye nimitere yacu. Uva ku miterere y'Umuntu ajya ku miterere y'Imana igihe yatubwiraga ko Imana ikiranauka, ndetse ko

ugukiranuka ari ukw'Imana kandi agahishura umujinya w'Imana kugukiranirwa (1:17). Mu yandi magambo, Imana niyo gipimo cyonyine cy'ukuri kose ndetse idusaba itegeka ibiremwa byayo bigomba gukiranuka. Imana irwanya ugukiranirwa mu biremwa byayo.

Kamere ebyiri zerekeye kumiterere y'Imana zigaragazwa muri'iki cyanditswe: ugukiranuka kw'Imana n'uburakari bw'Imana. Pawulo akomeza yubakira kugitekerezo cye. Dufite ikibazo kubera uburyo Imana iteye. Ntituri abanyabyaha gusa, ahubwo turi abanyabyaha baciriweho iteka. Dufite ibibazi bibiri tudashobora gukemura. Inkuru nziza muru rwandiko nuko Imana yadukemuriye ibi bibazo byombi.

Yesaya amaze gutangaza inkuru mbi ko twabaye intatane, yabwirije inkuru nziza ko "Imana yashyize kuri Kristo ugukiranirwa kacu twese" (Yesaya 53:6). Pawulo agenza nkibi mugambo yavuze mubutumwa.

Uburakari bw'Imana bushobora gusobanurwa "nk'imitekerereze y'Imana idahinduka kur'icyo cyose kitera," cyangwa se "n'imitekerereze y'Imana yurukundo, ihora yibwira kur'icyo kirimbura ibikorwa by'urukundo rwayo." Ibyandittse bitubwira ko Imana igizwe nurukundo. Ariko, Imana yacu yurukundo ifite ubushobozi bwo kurakara igihe abo ikunda bari mukaga ndetse bagiye kurimburwa nicyaha. Imana yanga ndetse izira icyaha kuko icyaha kirimbura icyo Imana ikunda.

Igice cya Gatatu

"Abami bane n'amategeko ane"

Muri make, Pawulo avunagurira mu murungo ubanza w'igice cya gatanu igitekerezo cye cyo mu bice bine bibanza igihe yandikaga ati: " Nuko rero ubwo twatsindishirijwe no kwizera, dufite amahoro ku Mana ku bw'Umwami wacu Yesu Kristo." Akomeza kugaragaza igice cya kabiri kibindi bice bine mu mirongo ikurikira ati: "wadushyikirije ubu buntu dushikamyemo ku bwo kwizera ngo tubone uko twishimira ibyiringiro byo kuzabona ubwiza bw'Imana."(5:1,2) Kwizera kacu mu musaraba wa Kristo kuradutsindishiriza ndetse kukaduha kugirana amahoro n'Imana. Kwizera kandi kuduhesha kwinjira mu buntu budushoza guhagararira Kristo mur'iy'Isi, ndetse bugadushoboza kubaho ubuzima buzamura bukanahesha Imana icyubahiro.

Abami Bane

Niba rero twaratsindishirijwe no kwizera, ni gute tubaho nkabantu bagizwe abakiranutsi? Pawulo atangiz' igisubizo cy'icyo kibazo n'icyigisho cyakwitwa "Abami bane." (5:12-21) Umwami wa mbere twamwita "Umwami cyaha." Dusoma ko Umwami cyaha jinjiye mur'iy'Isi nuko "aruzura", cyangwa se "asakara ku bantu bose".(12) Pawulo ntabwo yinjira mu biganiro nshyushya nkuru byuburyo cyangwa impamvu icyaha cyinjiye mw'Isi. Yandika ko icyaha cyinjiye, kikuzura ndetse kiganza.

Umwami rupfu yahise akurikira nyuma y'Umwami cyaha. Nyuma Pawulo atubwira ko, "Ibihembo by'ibyaha ari urupfu." (6:23) iteka icyaha kigira ingaruka, kandi izo ngaruka ntabwo ari nziza. Imwe mu ngaruka n'urupfu rugaragara. Urupfu kandi nishusho nyigisho isobanura ko icyaha cyishyura ibihembo bibi cyane. Vuba cyangwa se bitinze twese tugomba kwicara ku meza y'ingaruka. Iteka Umwami rupfu akurikira umwami cyaha.

Aba bami babiri babanza n'inkuru mbi, ariko abami babiri bakurikira n'Abami n'inkuru nziza. Nkuko Pawulo agira, Har' Umwami wa gatu winjiye, aruzura, ndetse aganza mu buzima, kandi izina rye ni Yesu Kristo. Umwami Yesu yanesheje Umwami cyaha kumusaraba, ndetse anesha Umwami rupfu igihe yazutse mubapfuye.

Pawulo kandi afite izindi nkuru nziza. Umwami wa kane n'Umwami Wowe. Mu kwizera, wakwinjira mu buzima muri Kristo. Waganza muri Kristo my Kwizera. Kandi abo binjira mu buzima muri Kristo, kubw'ubuntu no kwizera bakakira impano yo gukiranuka, abo "bazimikanwa ubugingo n'umwe ari we Yesu Kristo." Muyandi magambo, birashoboka ko njye nawe mu kwizera twakwinjira muri Kristo muburyo twakwimikanwa ubugingo binyuze muri we (5:17). Yesu Kristo yavuze ko, "yazanywe no kugira ngo zibone ubugingo, ndetse ngo zibone bwinshi." (Yohana 10:10) Pawulo arimo aratubwira uburyo bwo kwinjira mur'ubu bugingo bwinshi muri Kristo.

Aba bami bane nabatsinzi. Nk'uko tudashobora kubana n'indwara ya Kanseri ni nako tudashobora kubana n'icyaha. Icyaha kizadutsindisha kohereza Umwami rupfu. Ariko igihe kubw'ubuntu no kwizera muri Kristo twinjiye mu bugingo bwinshi, tuzanesha icyaha kandi tuganze mu bugingo. Igihe Pawulo asoza iki gice cy'igitekerezo cye mu gice cya munani,

yamamaza ko twahinduka abatsinzi b'icyaha tukaganza mubugingo muburyo budasanzwe.

Amategeko ane

Ishusho nyigisho yabami bane irimburira igitekerezo cyiri mu bice bine byigice cya Kabiri. Aba bami bane badutegurira kmv'ibyerekeye amategeko ane y'umwuka Pawulo arondora mu bice bibiri bya nyuma by'icyiciro cya Kabiri cy'uru rwandiko (5-8). Niba tugiye kwiga uburyo twaba abatsinzi biciye muri Kristo, muri macye tugomba kwiga aya mategeko ane.

Itegeko rya mbere n' "Itegeko ry" Imana." (7:1-6) Itegeko ry'Imana n'Ijambo ry'Imana (Zaburi 1:1,2). Ijambo ry'Imana nigitangaza gikomeye. Kwizerwa kuzanwa no kumva Ijambo ry'Imana, kandi Ijambo ry'Imana n'imbuto itabora ibyara ubuzima bw'umwuka muri twe (Abaroma 10;17; 1 Petero 1:22,23).

Itegeko ry'Imana rizakandagira itegeko ryakabiri ry'umwuka, ari ryo "Itegeko ry'icyaha n'urupfu." Iri tegeko rya kabiri ni ndakumirwa, itegeko ntahakanwa ryuko iteka icyaha gifite ingaruka zacyo (7:7-25). Nk'uko Yakobo agira, Ijambo ry'Imana rimeze nkindorerwamo (Yakobo 1:23). Akamaro kindorerwamo nukutwereka inenge kuri twe kugira ngo tuzikosore mbere yuko tujya hanze kubonana nabantu rusange. Ni muri ubwo buryo kandi, Ijambo ry'Imana ritwereka icyaha mu buzima bwacu kugirango tuneshe icyo cyaha mbere yuko duhura nabandi bantu. Nubwo iteka bitanezeza kureba mu indorerwamo, ni bangahe muri twe kubwibyo bahitamo kujugunya indorerwamo zose ziri mungo zacu?

Nk'uko biri mu bami bane, amategeko abiri yambere atangaza inkuru mbi, naho itegeko ryumwuka rya gatatu n'irya kane atumenyesha inkuru nziza. Pawulo yita itegeko rye rya gatatu ry'umwuka "Itegeko ry'Umwuka wubugingo muri Kristo." (8:1-4) Atubwira inkuru nziza ko iri tegeko rishobora kutubatura kuva "mw'itegeko ry'icyaha nurupfu."

Nkuko itegeko ryo kuguruka riganza itegeko rya rukuruzi iganisha ku isi, ibyo bigatuma Indege nini itwara abagenzi iguruka iva ku kibuga cyayo ijya heju. "Itegeko ry'Umwuka wubugingo muri Kristo" n'itegeko "ryo kuguruka" ridushoboza kuzamurwa hejuru "y'Itegeko ry'icyaha n'urupfu."

Igisubizo kur'iki kibazo kituganisha ku itegeko rya kane ry'umwuka, ari ryo " Itegeko ry'imitekerereze y'umwuka"

Pawulo arandika: “ Abakurikiza ibya kamere y’umubiri bita ku by’umubiri, naho abakurikiza iby’umwuka bakita ku by’umwuka. Umutima wa kamere utera urupfu, ariko umutima w’Umwuka uzana ubugingo n’amahoro, kuko umutima wa kamere ari umwanzi w”Imana, kuko utumvira amategeko y’Imana, ndetse ntushobora kuyumvira. Erega burya abari mu butware bwa kamere ntibashobora kunezeza Imana.” (8:5-8) Niba tutari kunesha “itegeko ry’icyaha nurupfu “ mubuzima bwacu, ibyo biterwa nuko “twashyize imitima yacu ku bintu bya kamere.”

Imwe mu nyigisho yimitse ya Kristo ishobora kwitwa “ Itegeko ryimitekerereze y’Umwuka.” Yesu yigishije ko itandukaniro riri hagati yubuzima bwuzuye umunezero nubuzima butuzuye umunezero riri mu buryo tubona ibintu (Matayo 6:22,23). Abayobozi bumwuka, abasiganwa, abayobozi ba Politiki, ndetse nabayobozi mu isi yubucuruzi bita cyane ku kamaro ko kugira imiterereze mizima.

Hamwe no gusenga, ugerageze kwibwira aya mategeko ane. Nuko, wibaze ubwawe iki kibazo: Ni iyihe miterere yumutima wanjye uyu munsi? “ Itegeko ry’imitekerereze yumwuka” ryerekana niba “itegeko ry’Umwuka wubugingo muri Kristo, “ cyangwa “Itegeko ry’icyaha n’urupfu” riganje mubuzima bwawe.

Igice cya Kane

“Ibintu byose”

“Mbega uburyo ubutunzi n’ubwenge n’ubumenyi by’Imana bitagira akagero! Imigambi yayo ntihishurika, ‘inzira zayo ntizirondoreka. Ni inde wamenya ibyo uwiteka atekereza cyangwa ngo abe umujyanama we? Ni inde wabanje kumuha ngo azamwiture? Kandi byose ari we bikomokaho akabibeshaho, akaba ari na we tubikesha! Icyubahiro kibe icye iteka ryose, Amen.” (11:33-36)

Iri niryo jambo ryo kuramya Imana Pawulo akoresha asoza igice kigize inyigisho zimyemerere zihambaye. Muri iki gihambano kiramya Imana, Pawulo yamamaza ko Imana ariyo soko yibintu byose, imbaraga ziri inyuma yibintu byose, ndetse ko icyubahiro cyayo aricyo mugambi wibintu yose. Ni kenshi akoresha hamwe aya magambo “ibintu byose,” ariko ntiyegeze akoresha aya magambo ku bintu bisanzwe (Abaroma 8:28, 2 Abakorinto 9:8). Kubw’umwihariko, ni ibihe bintu Pawulo aba

avuga igihe akoresha hamwe aya magambo mu gihambano cyo kuramya?

Uko usenga kandi urushaho kurondora uru rwandiko, nsabye ko wagabanya iki gice cya cumi na gatandatu cy'uru rwandiko mu bice bine. Ubu ndagusaba kwiyibagiza ibyerekeranye no kuba ari igice kigizwe nimirongo, ukore ibi ubwo ugerageza gusobanukirwa igitekerezo gihumekeye cy'intumwa Pawulo kiri mur'uru rwandiko. Ibyo twita ibice n'imirongo bya Bibiliya, byongerewe mu byanditswe mu kinyejana cya cumi na gatatu. Rimwe na rimwe iri gabanya ry'ibyanditswe mu bice rishobora kuturangaza rikadukura kugitekerezo kigenderewe mugitabo naka cya Bibiliya.

Pawulo atangira kubaka aganisha ugukoresha kwe kwaya magambo abiri "Ibintu byose" muri iri jambo rye ryo kuramya , ayakoresha igihe yasozaga kutubwira ibyerekeye ayo mategeko ane y'Umwuka (8:13). Aduha incamake yuburyo Imana itugeza mu gakiza. Yashakaga kutumenyesha ko Imana ariwe banze risunika ibintu byose bitubaho mu nzira yo gukizwa. Arindika agira ati: "kuko abo yamenye kera yabatoranije kera gushushanywa n'ishusho y'Umwana wayo, kugira ngo abe imfura muri bene se benshi. Abo yatoranije kera yarabahamagaye, kandi abo yahamagaye yarabatsindishirije, n'abo yatsindishirije yabahaye ubwiza." (8:29,30)

Iki gice nacyo ubwacyo cyubaka ijambo ryo kuramya Imana. Intumwa yamamaza ko Imana iri muri abo bayakiriye. Iri kumwe nabo bagendera mu kuyumvira, kandi igashyigikira abo bahamagawe nkuko umugambi wayo uri. Igihe Imana iri muri twe, hamwe natwe, ndetse muruhande rwacu, ninde wabasha kuduhangara, kandi ni iki cyadutandukanya nurukundo rwe? Asoza iki gice cya munani nijambo riramya Imana kandi risubiza ibibazo yagiye yibaza haruguru.

Witwaze ibi bitekerezo byikitegererezo bihumekewe mu gice cya cyenda aho Intuma yagura ijambo rimwe yakoresheje mu cyanditswe twavuze ruguru. Iryo jambo ni "Yabatoranirije". Pawulo yagura iki gitekerezo mucyo twita "itoranya" ibi bituma iki gice kiba bimwe mu bice bikomeye kwiga ariko kandi kikaba kimwe mu bice bikungahaye kubyo kumenya muri Bibiliya.

Ishusho akoresha asobanura ikigitekerezo ni iyi mpanga – Esawu na Yakobo – igihe bari bakiri mu inda ya nyina. Mbere yuko umwe muri abo bana agira ikibi cyangwa icyiza akora,

Imana iravuga iti, “Yakobo naramukunze, n’aho Esawu naramwanze,” ndetse “Umukuru azaba umugaragu w’umuto.”(9:12,13) Imana ifite iherezo, umugambi wizi mpanga mbere yuko zivuka.

Imwe mu mpuguke nkunda yatanze igitekerezo ko iyi nyigisho igomba guhishwa nkibanga ryumuryango mu bizera. Ntitugomba gutekereza ko abataraza kuri Yesu mu kwizera ngo bakire Umwaka wera bashobora gusobanukirwa no kwemera iyi nyigisho. Ndetse birakomeye ku bigishwa benshi kuko bigira Imana nkibogama, cyane cyane kuri abo “bataratoranywa”.

Inshuro nyinshi, iyo abizera bavumbuye bwa mbere iyi nyigisho mu byanditswe , ikimenyetso cyabo cyibanze nukuvuga ko ibyo bitari ukuri. Kubyerekeye iki gitekerezo, Intumwa iduhinyuriza gusoma isezerano rishya. Kimwe mu bisigo bigufi nigeze kumva niki: “Mbega ukubogama – kw’Imana – mugutoranya – Abayuda.”

Ni nkaho isezerano rya kera ryose rishushanya iyi nyigisho yo gutoranya. Hagati yamahanga yose yibihugu byabayeho kera, Imana yatoranije Isirayeli. Nkuko nabigaragaje kare, ariko, ibi bice bitatu bikomeye kwiga (9-11) nanone byerekana imbusane yo gutoranya, kuberako Isirayeli yahisemo – ndetse nanubu uyu munsi baracyahitamo – ukudashaka gutoranywa.

Imana iratubwira muri Yesaya ko tutagomba kugerageza kurondora ibyo yibwira ninzira zayo. Ituburira ko imitekerereze n’imikorere byayo bitandukanye nibyacu nkuko ijuru ryitaruye hejuru y’Isi.(Yesaya 55:8,9) Ubwo agaragaza iyi nyigisho, Pawulo aduhinyura nibibazo atubaza ibibazo bikomeye nka: “Ariko wa muntu we, uri inde ugisha Imana impaka? Mbese icyabumbwe cyabaza uwakibumbye kiti “Ni iki cyatumye undema utya?” (9:20,21) Aduha kandi ubusobanuro ko ugutoranywa Atari kibazo cyambere. Niba twaratoranirijwe agakiza, icyingenzi nuko tukizwa kubwubuntu Atari kubw’ibyo twigejejeho kuburyo byaba umusaruro wimbaraga zacu (11).

Nkuko natangiranye ijambo riramya Imana ntangira iki gice ndetse urebye uburyo Pawulo asoza iyi nteruro ku nyigisho yubuhanga ku imyizerere, nibwo buryo bwonyine twakoresha mukwakira ibintu byose Pawulo yadusangije, ushizemo iyi nyigisho yo gutonywa. Mu ijambo rye ryo kuramya, Pawulo atwibutsa ko Imana itigeze ikenera umuntu numwe muri twe kuyigira Inama igihe yahitagamo uburyo igiye gusohoza ibyo

Pawulo yatekerezaga, Pawulo atubwira ko Imana niyo isoko, y'imbaraga ziri inyuma yimigambi yibintu byose.

Igice cya Gatanu

"None ubwo?"

Aho tugeze witwaze ukuri kwa rya Jambo riramya Imana ryo mu gice cya cumin a Kabiri. "Igihe Pawulo yakoresheje ijambo 'Kuko' tugomba guhora twibaza icyo iryo jambo rihamaze.Iyo nama yubwenge nakiriye imyaka mirongo itanu ishize idufasha kugukurikirana ibitekerezo biri mu myandikire ya Pawulo. Kandi ubu buryo nibwo yakoreshaga igihe yatangiraga igice cyerekerenaye nibyo gushira mu ngiro. Ubwo atangira gushira mu ngiro ukuri yadusangije muri uru rwandaiko, ugoresha kwe kw'iryo jambo kongera kutuyobora mucyo yari agendereye guher mu itangira ryigitekerezo cye (1:17).

"Nuko bene Data, ndabinginga ku bw'imbazi z'Imana ngo mutange imibiri yanyu,ibe ibitambo bizima byera bishimwa n'Imana , ari ko kuyikorera kwanyu gukwiriye. Kand ntimwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose." (12:1,2)

Abantu benshi bizera ko nibiyegurira Imana, ubushake bw'Imana buzabayobora ahantu habi bashobora gutekereza. Ariko Pawulo arababwira ko ubushake bw'Imana ari bwiza. Mu by'ukuri, ni buratunganye (2). Ni gute wamenya ubushake bw'Imana ku buzima bwawe? Pawulo arerekana intambwe eshanu zituganisha kubushake bw'Imana.

Icya mbere, tumberera Imana. Kuko Imana ari isoko ya byose, Imbaraga inyuma y'ikintu cyose, n'umugambi w'ikintu cyose, kugira Imana intumbero yubuzima bwawe bifite ishingiro.

Icya Kabiri, iyegurire Imana. Ubushake bwacu bugomba kwegurirwa ubushake bw'Imana. Wibuke rya hame ryo kudufasha yesu yaduhaye ubwo yagiraga ati, "Umuntu nashaka gukora ibyo ikunda, azamenya." (Yohana 7:17) Iyo Imana imenye ko uyiyeguriye n'ubushake bwayo, izakwereka ubushake bwayo kubuzima bwawe.

Intambwe ya Gatatu ntituyikora nkana. Pawulo atubwira guhindurwa n'Imana. "Muhinduke rwose mugize imitima mishya." Igihe wavukaga muburyo bufatika, cyari igikorwa

utakoze nkana. Ibi kandi bimeze nk'igihe tuvutse bwa kabiri. Imana igira uruhare nkana kandi twe ntituba tubibona igihe imitima irimo guhindurwa (2 Abakorinto 3:18; 5:17, 18). Igyo twagize "Uguhindurwa ko kugira imitima mishya", guca mubyo tunyuramo tumenya neza ko umugambi w'Imana kuri twe ari mwiza, kandi ko uwo mugambi wuzuza ibyo ishaka ndetse utoyobora mu mikurire yacu y'Umwuka.

Pawulo adukangurira izi ntambwe enye igihe yanditse: "ntimwishushanye n'ab'iki gihe."(2) Muyandi magambo, "ntumumere nkuko buri wese ameze. Ntimwemerer'Isi ibazengurutse kubasunikira mu miterere yayo." Ibyo numubyemera, muzatakaza ubushake bw'Imana kubuzima bwanyu. Iyo ushushanyijwe na Yesu Kristo, ibyo bigutera kudashushanywa n'isi. Indangagaciro zawe ntabwo zagereranwa n'indangagaciro zabantu basanzwe biy'isi isanzwe.

Ibisigaye, intambwe yagatanu n'ugushushanwa na Kristo. Nkuko Pawuro agira, uburyo bumwe bwo kugera kur'ibyo nukumenya ko Umwuka Wera akorera mu bwoko bwe abahereza impano z'umwuka (3-8). Izo mpano zishimangira ubuzima bwacu muri Kristo kandi zikadutegurira imirio y'umwuka. Iyo tumenye impano Imana yadushyizemo, nuko tukayiyegurira tuyikoresha kubwe, izo mpano zizatuyobora mu bushake bw'Imana ndetse no mu mugambi wagakiza kubuzima bwacu (Abefeso 2:10).

Ba Umunyakuri!

Nkuko Pawulo akomeza uku gushira mu ngiro, aradukangurira cyane guhuza uku kuri adusangiza mur'uru rwandiko nubuzima bwacu bw'aho duteranira. Ubusonura nkunda bw'isezerano rishya bukoresha cyane ijambo "Ukuri" muri iki gice cyuru rwandiko cyerekeye kubyo gushyira mu ngiro. Icyambere, arandika: "Mwange ibibi urunuka muhorane n'ibyiza."(9) Araduhamagarira kubonera by'ukuri no kwera mubizera.

Pawulo nanone ahamagarira ukwicisha bugufi kukuri: " ntimukararikira ibikomeye ahubwo mwemere kubana n'ibyoroheje." (16) Uguca bugufi nimyitwarire y'Umwuka intumwa zishyira muby'Ingenzi byo kwitabwaho. Nanone Pawulo ahamagarira ubumwe. Ubumwu Pawulo atumeneyesh'aha n'ubushingiye kuba twese turi ingingo zumubiri umwe muri Kristo.

Igihe Pawulo yandika, “ku byo gukunda bene Data mukundane rwose,” aba asobanura ko tugomba kugira urukundo rwa kivandimwe rw’ukuri. Ubwo arondora uru rukundo adukagurira mu rwandiko rwe rwa mbere yandiki Abakorinto, atwereka icyo yita urukundo nyakuri (1 Abakorinto 13:4-7). Uku n’ukuri kw’ingenzi kugaragara mu gice cy’ibyo gushyira mu ngiro mu nzandiko zose za Pawulo.

Na none Pawulo ahamagarira ugushumba nyakuri. “mugabanye abera uko bakennye.” Pawulo yerekana ukwitanaho nk’impano yumwuka. Mu rurimi rw’umwimerere, Pawulo arigisha ko tutagomba kugerageza kwitanaho, ahubo tugomba kwicissh’ abantu urukundo rw’ukuri. Ahantu habiri Pawulo yerekana ugushumba kubw’izerwa gutanga mw’itorero: ukwamamaza ubutumwa no kwita nu bukene bw’abizera.

Pawulo kandi ahamagarira kugira umwete wukuri. Ubwira sibwo bugaragaza inyungu. Pawulo arandika: “ku by’umwete ntimube ibyangwe, muhirimbane mu mitima mukorere Umwami wacu.” Ijambo ry’”umurimo” hano risobanura guhuga, Pawulo aba aduhinyuriza kugira ibyo dushizeho umutima ariko by’ingenzi. Kubera kwisanga mu bintu byinshi, buri wese muri twe ahamwa no kuba ategekwa nicyo twita “ingoyi y’ibyihutirwa.” Ntidufata umwanya wo gusengera ibyo dukeneye kwitaho by’ukuri.

Intumwa Pawulo yar’umugabo war’uzi ngombwa ye nyakuri. Yarandikaga ati: “ Icyo nkora ni kimwe.” (Abafilipi 3:13) Witegereze uburyo abantu b’Imana dusoma muri Bibiliya bafatikanya na Pawulo kubw’iyi mwitwarire y’umwuka yerekeye ku gutumwira kuri ngombwa. Dawidi yaranditse: “Icyo nsaba uwiteka ni kimwe ni cyo nzajya nshaka.” (Zaburi 27:4) Ikinti kimwe Dawidi na Pawulo bashyiragaho umutima n’imibanire yabo n’Imana no kumenya ubushake bwayo mu buzima bwabo bwa buri munsi. Muri Bibilya, nta rugero rwaruta izindi kubyerekeranye na ngombwa, kurusha ngombwa Yesu yatwerekeye mu ngiro ye.

Pawulo akomeza kugangurir’abo bizey’ ukuri k’ubutumwa bwiza natwe yadusangije, kuri ugusenga no kwizera bikomeza kandi bihamya ibiturimo (14-21). Nanone, itegereze ukuntu hashimangirwa ugushira mu ngiro kubutumwa bwiza mu bwacu bwa buri munsi biri mu bice by’inyigisho z’imyemerere twita “Urwandiko rwa Pawulo kub’Abaroma.”

Abizera Nk'Abene Gihugu

Mu gice cya cumi na Gatatu, Pawulo aratwereka uburyo bwo gushira mu ngiro ubutumwa bwo gutsindishirizwa no kwizera. Nkuko twize mu gitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa, hari igihe abizera bahinyura amategeko y'igihugu igihe cyose ayo mategeko agongana n'inyigisho ndetse n'amategeko y'Imana. Mur'iki gice Pawulo yandika inshuro eshatu ko umukozi wa Leta wubahirisha itegeko ari "Umukozi w'Imana." (13:4,6). Nkumukozi w'Imana wimitswe, yerekana uburakari bw'Imana bw'uyu munsi (4).

Pawulo ntabwo ari kuvuga abakozi ba Leta bavutse bwa Kabiri, aravuga abasirikare b'Abaroma. Ijambo "gusigwa" risobanura kushyirwa mu mwanya mu buryo bwizweho. Abakozi b'Imana basizwe bashyizwe mu mwanya wo kubwiriza itegeko ry'Imana. Abakozi ba Leta basizwe bashyizweho kubahisha itegeko ry'Imana. Aha Pawulo arandika, " Niba ushaka kubana nabo neza, wubahe itegeko." Ariko niba wiba, cyangwa se umen'amaraso, abo bakozi bazakugera inkota, kandi iyo bakugez'iyo nkota baba bakorera Imana."

Igitekerezo cyo kugira itegeko n'umurongo rikomoka ku mana, nuko rero, umukozi wubahirisha itegeko akomora ubutware mu Mana. Ariko nanone, iyo ubuyobozi bwanduye ndetse bwarangiritse mu migenzereze kandi amategeko yabwo agahabana namategeko y'Imana, hari igihe nahantu ho kutabugandukira (Ibyakozwe 5:29)

Amakimbirane Y'Abigishwa

Mu gice cya cumi na kane, Pawulo aganisha inyigisho ye y'ibyo gushira mu ngiro ku bugishwa b'I Roma. Pawulo yari atarasura abigishwa b'i Roma, kandi tukaba tuzi yuk'imihanda yose igera I Roma, igihe yandikaga uru rwandiko, yari azi ko abizera benshi bagez' i Roma ndetse ko nabandi bazahagera. Yari azi ko hari amakimbirane mu bigishwa baho.

Inama nyobozi ya mbere y'itorero yateraniye gukemura iki kibazo: Abigishwa ba Yesu babanyamahanga nitabashakaga kubaho nk'Abayuda bagakondo, mu gihe Abayuda bavuts'ubwa kabiri bashakaga gukomeza kubaho nk'Abayuda ba gakondo kuko bose bakurikiraga Mesiya w'Umuyuda (Ibyakozwe 15). Iyo nama yanzuye ko abigishwa b'abanyamahanga badekeneye kuba Abayuda, nanone kandi, ku bigishwa b'Abayuda bemerewe gukomeza gukurikira Kristo

ndetse bakanagumana imihango yabo yagakondo. Nubwo ubuyozzi bwakemuy'iki kibazo, ariko igihe aba bayuda n'abanyamahanga bageragezaga kuba umwe muri Kristo, bakomeje kugira intonganya- cyane cyane ku byerekeranye n'imirire nibyo kwizihiza iminsi mikuru y'Abayuda Yera.

Bamwe mu bizera b'Abayuda bakomeje kwizihiza Isabato (umunsi) wa karindi nkumunsi watoranirijw' Imana, kuramya, kuruhuka no kwiyubaka bushya. Mu rwego rwo kwizihiza umuzuko wa Yesu, intumwa, uko zari abayuda zose, zahinduye umunsi wa gusenga, ziwukura ku munsi wa karindwi ziwishyira ku munsi wa mbere. Nta mpamvu nimwe abanyamahanga bavutse ubwa kabiri babonye yatuma gufata umunsi wa Karindwi nk'umunsi wo gusenga.

Pawulo yabwiye abizera b'Abaroma kukemura intonganya zabo bagendeye kur'ibi: "Umuntu umwe yubaha umunsi umwe kuwurutisha iyindi, naho undi akubaha iminsi yose akayihwanya. Umuntu wese namenye adashidikanya mu mutima we." (14:5) Mur'izi mpaka zerekeyeranye n'isabato, Pawulo arasobanura ko abizera bamwe bafataga umunsi wa mbere w'icyumweru "nk'umunsi w'Umwami." Abandi bizera nabo bagafata iminsi yose y'icyumweru "nk'umunsi w'Umwami."

Mu by'ukuri ijambo "namenye adashidikanya" risobanuye iki mur'aya makimbirane? Icya mbere, Pawulo arandika ko dukomba kwemezwa mu mutima nama wacu. Umuntu umwe yaravuze ati, "Umutima nama ni ijwi rito ridutera kumva tubaye bato kurushao." Mu gice kinini, umutima nama ni uburyo twitwara mu bihe, ariki ibyo bigaturuka mu buryo twatojwe nababyeyi ndetse nabandi bantu.

Ni ibyingezi kwitegereza ko Pawulo atigeze atuburirira gukoresha umutima nama nkumuyobozi utakosa. Ariko, atuburira kumvira umutima nama wacu igihe utubwira ko icyo turi gukora ari kibi. Pawulo ashimangira wa mwanzuro w'inama nyobozi y'Itorero avuga ko abizera b'Abayuda bafite uburenganzira n'inshingano zo kubahiriza imirire, n'iminsi yera mw'idini ryabo gakondo, naho abigishwa b'Ababanyamahanga ntamutwaro bafite wo kugenza nk'Abayuda mur'iyo migenzo.

Pawulo atera indi ntambwe ubwo yandikaga ko bagomba kumenya badashidikanya mu mitima yabo kandi mejwe muri bo (6). Ukwemezwa ntabwo guterwa nibyo ababyeyi

batwigishije. Ukwemeza n'umusaruro w'umurimo w'umwuka wera mu buzima bwacu. Umwaka wera ntiyemeza abizera bose muburyo bumwe.

Pawulo akomeza avuga ko tugomba gukemura iki kibazo twita kuri bene Data batandukanye natwe (10-23). Naho mwene Data yaba Atari mu kuri, niba mu mutimanama no kwemezwa muri yizera ikintu ari kibi, dufite inshingano yo mushyira mu gaciro.

Iri hame arirondora byisumbuyeho ku bakorinto (1Abakorinto 8-10). Yandikira Abaroma n'Abakorinto ko ikibazo hano atari icyukuri cyangwa se ikitari ukuri, ahubwo ikibazo n'ingano yurukundo dukunda mwene Data. Ntitugomba gusitaza mwene Data. Tugomba gukora icyo cyose dushoboye kungura no kubaka mwene Data. Mu buryo buruta ubundi, Pawulo aduhugura ko tugomba gukemura aya makimbirane tugendeye kurukundo aturondorera mu gice yanditse ibyerekeye kuri rwo (1 Abakorinto 13).

Umutima Wa Pawulo W'akimisiyoni

Dutangira kumenya ku byerekeye Pawulo mugice cya cumi na gatanu. Iyi ntumwa yar'ifite Isi ku mutima wayo. Mu gitabo cy'byakozwe n'Intumwa twabonye ko Pawulo yashakaga cyane kugera I Roma. Ariko kandi, Pawulo yandikira Abaroma agira ati: "Ubwo nzajya I Sipaniya niringira kuzabasura nimpanyura, kugira ngo namwe mubone uko mumperekeza, njyeyo maze kubashira urukumbuzi ho hato." (24) Aha iyerekwa ryarengaga I Roma. Yashakaga cyane kujya I Roma kubera ko yafataga abizera b'Ababaroma abo kumufasha murwego rwo kumubera icyicaro cyo kubwiriza ubutumwa muri i Sipaniya.

Ibyo gushyira mu ngiro kugiti cya muntu

Ntitwakwihanganira kudahinyuzwa iyo tubona Pawulo ashyira mu ngiro ubutumwa yadusonuriye neza mur'uru rwandiko. Ubwo dusoza iyi mbonerahamwe y'urwandiko Pawulo yandikiye Abaroma, umukoro wambere wanjye nawe nukubanza kugiti cyacu gushira mu ngiro ukuri kuri mur'uru rwandiko. Ese dufite amahoro n'Imana binyuze mu kwizerera kwacu mubyo Yesu Kristo yadukoreye kumusaraba? Ese kugiti cyacu, twaba twarabonye Ubuntu mu kwizera, budushoboza guhagararira Kristo muri iyi si yacu tubaho nk'abantu bagizwe abakiranutsi n'Imana – ubuzima buhesha Imana icyubahirp? Twaba tuganje mu buzima mu kwizera kwacu mu mwami

Yesu? Ese imitima yacu yaba itumbereye “mu itegeko ry’Umwuka wubugingo muri Kristo” ritubatura kuva “mu itegeko ry’icyaha n’urupfu?”

Nuko, tugomba kugenzereza ukuri kuru rwandiko kuri bene Data bo mu nsengero zaho dutuye, kubene gihugu bacu, no kur’abo duhurira mu buyobozi bwa Leta. Ibisigaye, nkuko iyi ntumwa mukundwa yabigenje, tugomba kugeza ukuri kuri mur’iyi nyigisho kur’abo bari mu Isi yacu uyu munsu, abo batarigera bumva ubutumwa bwiza bw’icyubahiro. Nkuko Pawulo agira, turimo umwenda abantu bose badukukuje kandi tugomba guhora iteka twiteguye gusangiza inkuru nziza ya Kristo nta soni dufite: Kuko ari Imbaraga y’Imanaa ihesha uwizera wese gukizwa. (Abaroma 1:14-16)